# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO. E-25 | TARIKI 5 - 11 KANAMA 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw






AMAKURU

Abofisiye 81 ba RDF basoje kaminuza mu buvuzi n'ibya gisirikare



4

AMAKURU

Sena yatumije Minisitiri w'Intebe, gukoresha inkwi n'amakara byageze kuri 93,8%



5

AMAKURU

IBUKA yashimye ko Norvege yohereje Gasana ukurikiranyweho gukora Jenoside



10

SIPORO

CAF Confederation Cup: Rayon Sports yatomboye Singida Black Stars yo muri Tanzania



27


# Dr Nsengiyumva yasuye Gabiro Agribusiness Hub yahaye akazi 6 000



Minisitiri w'intebe Dr Nsengiyumva yasuye Gabiro Agribusiness Hub yahaye akazi 6 000

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda, Dr Nsengiyumva Justin yasuye icyanya cyahariwe ubuhinzi n'ubworozi mu Karere ka Gatsibo, (Gabiro Agribusiness Hub) kimaze guha akazi abaturage basaga ibihumbi bitandatu.***

Ni mu ruzinduko rw'iminsi ibiri agirira mu Ntara y'Iburasirazuba rwatangiye ku wa Gatanu tariki ya 8 Kanama 2025.

Uwo mushinga mugari wiswe Gabiro Agribusiness Hub, ukorerwa kuri hegitari zisaga ibihumbi 16, ukaba ukora ku mugezi w'Akagera uhuza u Rwanda na Tanzania.

Ufite uruganda rutunganya amazi yifashishwa mu kuhira inka zororerwamo no kuhira imyaka ihahingwa.

KOMEZA KU RUP.3

## Icyumweru cy'irangamimerere gikemura byinshi ku mwirondoro w'umuntu

NYIRANEZA Judith

***Kuri uyu wa Mbere tariki ya 11 Kanama 2025, haratangira icyumweru cyahariwe irangamimerere, aho ibibazo bijyanye na serivisi zaryo, zifasha kuba ku gihe ku bijyanye n'irangamimerere.***

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ishishikariza abaturarwanda kwitegura, bakagana inzego bireba kugira ngo, amakuru yabo abe yuzuye kandi ajyanye n'igihe, cyane cyane muri iki gihe ikoranabuhanga rikataje mu nzego zitandukanye z'ubuzima bwa buri munsi.

Icyumweru cy'irangamimerere kizatangira tariki 11-15 Kanama 2025 kugira ngo abantu bagenzure amakuru ababaruyeho (e-ndangamuntu); bafatirane serivise z'irangamimerere bacikanwe, harimo kwandikisha abavutse, kwandukuza abapfuye, gusezerana mu mategeko, ubutane no kugira umwana utabyaye uwawe bijyanye n'amategeko agenga irangamimerere.

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Ibihugu 19 byitabiriye EXPO 2025 ya 28 mu Rwanda



Imurikagurisha Mpuzamahanga (EXPO 2025) ribaye ku nshuro ya 28, ryitabiriwe n'abaturutse mu bihugu 19

NTAWITONDA Jean Claude

***Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda (PSF) rwatangaje ko imurikagurisha Mpuzamahanga (EXPO 2025) ririmo kubera mu Rwanda ku nshuro ya 28, ryitabiriwe n'abacuruzi baturutse mu bihugu 19 byo ku Migabane itandukanye y'Isi, bakaba bariyongereye kuko mu mwaka ushize hitabiriye abo mu bihugu 17.***

Ibyo bigo by'abikorera byafashe ibibanza (stands) byo kumurikiramo ibyo bikora bigera kuri 475, bikaba byariyongereye ugereranyije n'abitabiriye mu mwaka ushize kuko byari 466.

Mu kiganiro n'itangazamakuru cyo gufungura ku mugaragaro EXPO 2025, ku wa Kabiri tariki ya 5 Kanama 2025,

Umuyobozi Mukuru wa PSF, Mubiligi Jeanne-Françoise yashimangiye ko kuba ibihugu byitabira bikomeje kwiyongera bishimangira ko abacuruzi bahavana inyungu ifatika.

Yagize ati: "Dufite abamurika baturutse mu gihugu imbere, bagera kuri 378, ndetse n'iby'abanyamahanga 97.

Twakiriye ibihugu 19 byitabiriye, bivuye ku bihugu 17 twakiriye mu mwaka ushize. Ibihugu bishya na byo tubihaye ikaze, ni Cameroun na Aribia Soudite."

Yashimiye abafatanyabikorwa bose bitabiriye EXPO 2025 barimo ibigo by'abikorera n'ibya Leta.

Ati: "Twagiye dusura ibyiciro bitandukanye abari mu byiciro bitandukanye abakora ikoranabuhanga n'isakazamakuru, abakora ibijyanye n'ubuhinzi, inganda, n'abandi bakora ibikorerwa mu Rwanda.

Uyu mwaka hitabiriye abakoresha imodoka z'amashanyarazi bitabiriye bwa mbere."

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda, Kajangwe Antoine Marie yavuze ko EXPO ifasha u Rwanda mu iterambere, kandi ryitezweho gushyigikira gahunda yo kugera ku cyerekezo 2050.

Yagize ati: "Ni ibintu byerekana aho urwego rw'abikorera rugeze, ndetse natwe tukamenya aho tugomba gutera inkunga. Iyo tubona inganda zikora ibikoresho bitandukanye yaba abatunganya imyenda, abakora ibikomoka ku buhinzi n'abandi baje kumurika biba biteza imbere urwego rw'abikorera."

Umwe mu bikorera Olrando Williams witabiriye imurikagurisha, waturutse mu gihugu cya Arabia Soudite, yatangaje ko yishimiye ko mu Rwanda ari Igihugu cyorohereza ishoramari kandi anavuga ko ari igihugu cy'amafu kandi gifite umutekano usesuye.

Umunyarwanda na we uri mubamurika witwa Mungurareba Jean Bosco, ni umwe mu bagaragaje udushya, yavuze ko kwitabira iyi EXPO byamufashije kumenyakanisha ibyo akora, birimo imbaho zishyirwa ku bikuta zigasimbura sima n'imicanga.

Yagize ati: "Ni imbaho tumurika ziganjemo izikoreshwa muri za purafu no kubikuta. Abantu badusura baribaza bati se ibi bikorerwa mu Rwanda.

Yunzemo ati: "Kuzikoresha igihe umaze kuzamura inzu yawe, abafundi bamaze guhagarika igikuta nta kindi kintu ushyiraho uhagarikaho urubaho kandi rukakurinda guhora usiga irangi ndetse no kuba igikuta cyazamo ubukonje bucyangiza."

PSF itangaza ko EXPO 2025 izarangira yakiriye abasura babarirwa hagati y'ibihumbi 250 na 300.

Ni imurikagurisha ryatangiye tariki ya 29 Nyakanga rikazasozwa tariki ya 17 Kanama 2025.

NTAWITONDA Jean Claude

## U Rwanda rwasabiye inkunga ibihugu bidakora ku nyanja bicyiyubaka

***Guverinomay'uRwanda yasabye Umuryango Mpuzamahanga gushyigikira urugendo rw'ibihugu bidakora ku nyanja bikiri mu nzira y'amajyambere, rwo kubaka ubukungu bushingiye ku ikoranabuhanga.***

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda Sebahizi Prudence, yabigarutseho mu ijambo yagejeje ku bitabiriye Inama Mpuzamahanga ya Gatatu ihuza ibihugu bidakora ku nyanja bikiri mu nzira y'Amajyambere.

Iyo nama y'Umuryango w'Abibumbye yitabiriwe n'Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma basaga 20, n'abandi banyacyubahiro basaga 3000 baturutse mu Miryango Mpuzamahanga, Sosiyete Sivile, urubyiruko, za kaminuza n'ibigo by'ubushakashatsi, n'abikorera.

Ni inama iteraniye mu Mujyi wa Awaza muri Turkmenistan, yatangiye kuri uyu wa Kabiri tariki ya 5 Kanama ikazageza ku wa Gatanu tariki ya 8 Kanama 2025.

Uyu munsi, Minisitiri Sebahizi yitabiriye ibiganiro byo ku rwego rwo hejuru byagarukaka ku gukora impinduka mu nzego, gutanga amahirwe yagutse ku bikorwa binyuranye no kwimakaza ubumenyi, ikoranabuhanga no guhanga ibishya (STI), nk'umusingi wo kugera ku burumbuke mu bihugu bidakora ku nyanja bikiri mu nzira y'amajyambere.

Minisitiri Sebahizi yasabye amahanga gushyigikira ibyo bihugu mu kubyongerera imbaraga zo kugira uruhare mu bukungu bushingiye ku ikoranabuhanga, binyuze muri nzego kubigenera inguzanyo z'igihe kirekire kandi zihendutse, kubigezaho ikoranabuhanga rigezweho kandi rihendutse, kongerera abaturage babyo ubumenyi, kubifasha guhanga ibishya n'ubufatanye butagira uwo busigaza inyuma.

Yashimangiye ko kuvugurura inzego no guhanga ibishya atari ibintu byo gukerensa ahubwo ko ari ingirakamaro mu rugendo rwo guharanira ukwigira, uburumbuke no kugira agaciro mu ruhando mpuzamahanga.

Imibare itangazwa na Loni igaragaza ko ku Isi habarurwa ibihugu 32 bidakora ku nyanja bikiri mu nzira y'amajyambere, bikaba bituyemo abaturage basaga miliyoni 500.

Muri ibyo bihugu birimo 16 byo muri Afurikam, ni ho hagaragaramo ibikennye kurusha ibindi ku Isi ndetse hakaba harangwa n'ibibazo bishingiye ku mikorere y'inzego.

Mu bibazo biharangwa cyane harimo ikiguzi cya serivisi z'ubwikorezi kikiri hejuru cyane, kugorwa no kugera ku masoko mpuzamahanga, ndetse no kwibasirwa n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe.

Mu mwaka wa 2019, ubwo Perezida wa Repubulika Paul Kagame yitabiraga inama ivuga ku by'indege muri Afurika yateraniye i Kigali, yashimangiye ko kudakora ku nyanja bidakwiye kuba urwitwazo rwo gusigara inyuma mu iterambere.





# Dr Nsengiyumva yasuye Gabiro Agribusiness Hub yahaye akazi 6 000

IBIKURIKIRA URUP.1

Umuyobozi wa Agribusiness Hub, Ngarambe Aloys avuga ko ishoramari ry'uwo mushinga rigeze ku gipimo gishimishije kandi ryitezweho kuzamura iterambere ry'u Rwanda.

Ati: "Ubu hari abashoramari bandi baje kugura ubutaka bwo guhinga 7 bose baratangiye, babiri muri bo bamaze gushyiramo ibikorwa remezo byo kuhira, abandi bari mu nzira zo kubishyiramo.

Kugeza ubu umushinga umeze neza kandi urabona ko uzagirira akamaro Igihugu."

Abashoramari bahamya ko bamaze kuhabonera umusaruro ufatika.

Umwe muri bo yabwiye itangazamakuru ati: "Tuhafite hegitari zigera kuri 500, tuzihinga mu byiciro binyuranye, ubungubu duhinga 170, buri cyumweru duhinga 7 muri zo, kugira ngo tuzabashe kugurisha tutagize umusaruro mwishi icyarimwe."

Muri Gabiro Agribusiness Hub kandi hanakorerwa ubworozi bwa kijyambere aho, inka zitanga umukamo w'amata wa litilo ziri hagati ya 250 na 300 ku munsi.

Minisitiri w'Intebe kandi yanasuye Umudugudu w'icyitegererezo wa Rwabiharamba, mu Murenge wa Karangazi mu Karere ka Nyagatare, ugizwe n'inzu 120.

Ni umwe mu midugudu yatujwemo abari batuye ahari Agribusiness Hub.

Umukecuru uhatuye yatekerereje Minisitiri Dr Nsengiyumva ko nyuma yo kuhatuzwa ubuzima bwahindutse ubu akaba ahumeke umututzo n'iterambere.



Muri icyo cyanya hahingwa imbuto, imboga n'ibindi bikanoherezwa no ku masoko yo hanze

Yagize ati: "Aho nari ntuye nari meze nabi pe, nta mazi yahabaga, nta bavandimwe tuganira, mba mu ishyamba umuntu akaba yaza akampotora nijoro."

Yunzemo ati: "Ubu mfite amahoro nateye imbere, mfite na televiziyo ndeba amakuru na Perezida wacu, Paul Kagame, abayobozi b'Igihugu. Mbese ndanezerewe."

Kugeza ubu uwo mushinga wa Agribusiness Hub, kuwushyiramo ibikorwa remezo byifashishwa mu buhinzi n'ubworozi, bigeze ku gipimo cya 90%, aho icyiciro cya mbere cyawo kimaze gushorwamo asaga miliyari 100 z'amafaranga y'u Rwanda.



Indangamuntu koranabuhanga izafasha kuba ibiranga umuntu byose byoroshye kuboneka

# Icyumweru cy'irangamimerere gikemura byinshi ku mwirondoro w'umuntu

IBIKURIKIRA URUP.1

Ibi bikorwa hagamijwe ko amakuru ku mibereho y'abaturage iba ari yo ya nyayo, ni umwanya wo gutanga amakuru y'abaturage anononsoye neza kandi hagatangwa ibyangombwa byemewe, kuko bifasha mu igenamigambi ry'Igihugu, hagategurwa ibifitiye akamaro kanini abaturage nka serivisi rusange zirimo uburezi, ubukungu, ubuvuzi n'izindi.

Gahunda yo kwandika abana bakivuka mu bitabo by'irangamimerere no kwandukuza abapfiriye kwa muganga mu gihe banditswe mu bitabo by'irangamimerere, ni igisubizo ku baturage kuko bahabwa izo serivisi ku gihe.

Igishya kandi ni uko ku ya 7 Kanama 2025, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Indangamuntu (NIDA), cyatangije ku mugaragaro ubukangurambaga bwo kwiyandikisha muri gahunda y'Indangamuntu koranabuhanaga,yageneweAbanyarwanda, Abanyamahanga baba mu Rwanda n'impunzi.

Indangamuntu koranabuhanga izaba ikozwe muri sisitemu ihurizwamo amakuru ajyanye n'ibiranga umuntu, ikaba ububiko bwizewe bubarizwamo amakuru y'abantu bose batuye cyangwa baba mu Rwanda harimo: Abanyarwanda, Abanyamahanga batuye mu Rwanda, Impunzi, abasaba ubuhungiro, abana batoraguwe, Abanyamahanga baba mu Rwanda mu gihe gito (iyo bakeneye serivisi), Abimukira, Abadafite Ubwenegihugu baba mu Rwanda. Indangamuntu koranabuhanga ikazahabwa abantu bose kuva bakivuka n'abanyarwanda baba hanze y'u Rwanda.

Ibi bizafasha mu gutanga no guhabwa serivisi zihuta kuko amakuru bwite y'umuntu azaba yahurijwe ahantu hamwe, kuyageraho bitakigoranye. Ikindi bizafasha nyir`ubwite kwemeza amakuru ye bwite atiriwe yerekana ibindi byangombwa cyangwa izindi nyandiko zemeza amakuru ye bwite, bikazafasha gusabira serivisi aho yaba ari hose, igihe icyo ari cyo cyose, ibyo bizatuma ikiguzi yatangaga (nk'amafaranga y'urugendo, ayo gufotoza impapuro) ajya gushaka serivisi hirya no hino agabanyuka.

Nyuma yo kubarura abaturage hazakurikiraho gahunda yo kubafotora, bikaba biteganyijwe kuzatangira mu kwezi kwa Nzeri 2025.

U Rwanda ruzifatanya n'ibihugu bya Afurika mu kwizihiza Umunsi Nyafurika w'Irangamimerere.

# Imvaho Nshya, serivisi z' indangamuntu mu dushya twanyuze abitabiriye EXPO 2025

**MUTETERAZINA Shifah**

***Bamwe mu bitabiriye Imurikagurisha Mpuzamahanga (EXPO 2025) bakaba banasanzwe baryitabira, bavuga ko bishimiye cyane iy'uyu mwaka kuko ifite umwihariko wo kuba yaritabiriwe n'abashoramari benshi ugereranyije n'izabaye mbere.***

By'umwihariko mu byo bahamya ko byabanyuze ni ugusanga hamurikwamo serivisi nshya nk'izitangwa n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Irangamuntu (NIDA) giteganya gutanga indangamuntu koranabuhanga ndetse n'Imvaho Nshya nk'ikinyamakuru cy'Abanyarwanda.

EXPO irimo kuba ku nshuro ya 28, aho abayitabiriye inshuro nyinshi bavuga ko iyo kuri iyi nshuro bishimiye ko yitabiriwe na kompanyi zitandukanye n'inzego z'ubuyobozi.

Baratsikimba Pasiteri uri mu bacuruza ibinyobwa akaba yitabiriye ku nshuro ya kabiri, avuga ko EXPO y'uyu mwaka ifite umwihariko ndetse nubwo byari mu minsi ya mbere ariko itanga icyizere ko bazayungukiramo byinshi.

Ati: "Mu minsi ya mbere biba bitaragaragaza isura ariko dufite icyizere cy'uko izashyuha tukabona abakiriya. Uko ipanze ipanze neza, harimo udushya twinshi; nkubu Imvaho Nshya yajemo, twagize umugisha hazamo na NIDA ikora indangamuntu bivuze ko harimo kwegereza abaturage serivisi.

Byatumye menya ko Imvaho Nshya ikora kandi namenye ko ikorera mu kigo gishobora kumpa serivisi zirimo gucapa no kwandikisha ku myenda n'ibindi."

Uwera Irene uri mu bacuruza ibyakorewe mu Rwanda (Made in Rwanda), uvuga ko atari ubwa mbere ayitabiriye ariko kandi bishimira ko serivisi zose zabegereye.

Ati: "Si ubwa mbere nyitabiriye mu minsi yambere abantu barasura bakazagaruka bakagura ikizere cyo kirahari. Aho iyi EXPO itandukaniye n'izabanje ni uko harimo ibigo byinshi nk'ubu uwashaka kwamamaza Imvaho Nshya nabonye ihari. Amakuru y'aho ikorera ntayo nari mfite ikindi uramutse ufite ibyo ushaka gupurintinga wabagana bakabigufashamo."

"[…] Imvaho Nshya turayikunda tuyizi kuva kera, ikora neza, iramamaza nanjye nishimiye kuyibona muri iyi EXPO. Hajemo nagahunda y'irangamutu (NIDA) twarabikunze cyane na byo babizanye vuba ntabwo byari bisanzwe."



Ikigo RPC cyamuritse ibyo gikora ari naho habarizwa ikinyamakuru Imvaho Nshya

Imurikagurisha mpuzamahanga ry'u Rwanda rya 2025 kandi ryitabiriwe n'urubyiruko haba abacuruza n'abafitemo ibiraka, nabo bavuga ko ari igihe cyiza cyo kwigiramo byinshi nkuko Ingabire Goreth ufitemo ikiraka abisobanura.

Ati: "Maze umwaka umwe ndangije ishuri ariko nabonye EXPO ari ahantu heza ku rubyiruko hatanga akazi hadashingiye ko uba muri Kigali, kuko nkubu nge naturutse mu bugesera, ikindi umuntu yahigira byinshi nkubu nge naritegereje numva ngomba kuva hano nange nshaka utwo nikorera kuko hari abo tungana nabonye bafite utuntu duto kandi barimo kwinjiza ayabo (Amafaranga) urugero nk'injugu."

Rifitabaryo Jean Baptiste, urimo ucuruza injugu muri EXPO avuga ko yishimiye cyane kuyitabira kuko azahakura byinshi birimo kumenya uko umuntu yakorera abakiriya benshi icyarimwe kandi agatanga serivisi inoze.

Ikindi avuga ko yahigiye ko imurikagurisha rititabirwa gusa n'abafite ibintu bihambaye bacuruza ahubwo n'abagitangira bayitabira kandi bakagurirwa.

Ati: "Ni ubwa mbere nitabiriye EXPO ariko byanyigishije ko natwe tugishakisha twahaza bigakunda, byanteye imbaraga n'icyizere byo gukora cyane."

Imurikagurisha Mpuzamahanga ry'u Rwanda rizwi nka EXPO 2025 ribaye ku nshuro ya 28, rikaba ryaratangiye ku wa 29 Nyakanga rikazasoza ku ya 17 Kanama 2025, aho ryitabiriwe n'ibigo bisaga 480 biturutse mu bihugu 30 harimo n'u Rwanda.

Urwego rw'Abikorera (PSF) ruvuga ko iri murikagurisha mpuzamahanga ngarukamwaka, ryatumye ibikoresho bikorerwa mu Rwanda byiyongera mu bwinshi no mu bwiza, mu baryitabiriye hakaba harimo abarenga 344 bakora ibicuruzwa bikorerwa mu Rwanda.


Abofisiye 81 basoje amasomo bahawe impamyabumenyi yicyiciro cya 2 cya Kaminuza mu bijyanye nubuvuzi

# Abofisiye 81 ba RDF basoje kaminuza mu buvuzi n'ibya gisirikare

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Abofisiye 81 babarizwa mu Ngabo z'u Rwanda, ku wa Mbere tariki ya 4 Kanama 2025, bahawe impamyabumenyi y'icyiciro cya 2 cya Kaminuza (A0) mu bijyanye n'ubuvuzi rusange no kubaga abarwayi, Ubumenyi Rusange n'ubwa Gisirikare, mu masomo baherewe mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Gako mu Karere ka Bugesera.***

Ibirori byo guhabwa impamyabumenyi byayobowe na Minisitiri w'Ingabo Marizamunda, muri gahunda yateguwe ku bufatanye na Kaminuza y'u Rwanda (UR) yahagarariwe n'Umuyobozi Prof Didas Kayihura Muganga.

Ibyo birori kandi byitabiriwe n'Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda Gen. Mubarakh Muganga n'abandi basirikare bakuru, abayobozi banyuranye muri Guverinoma no muri UR.

Abasoje amasomo bari bamaze imyaka ine biga, hakaba harimo abanyeshuri 20 basoje mu Ishami ry'Ubuvuzi Rusange no Kubaga Abarwayi, ndetse n'abandi 61 basoje mu Ishami ry'Ubumenyi Rusange n'ubwa Gisirikare.

Brig Gen Franco Rutagengwa, Umuyobozi w'Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Gako, yagaragaje akamaro k'ubufatanye bafitanye na Kaminuza y'u Rwanda by'umwihariko mu gutegura ikiragano gishya cy'abayobozi ba gisirikare.

Yagize ati: "Ubwo musohotse mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare, ntimujyanye gusa ubumenyi bwa kaminuza, ahubwo mujyanye n'indangagaciro, ikinyabupfura, n'ubunyamwuga buranga igisirikare cyacu. Tubitezeho rero gukorera Igihugu mu budakemwa, kuyoborana ubwenge ndetse no gukomeza kwiga binyuze mu kazi mukora."

Yongeyeho ko ubumenyi n'ubuhanga bakuye mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare bukwiye gukoreshwa binyuze mu gushyira mu gaciro, ubumuntu no kwiyemeza guharanira imibereho myiza y'abo bakorera ndetse n'abaturage bazaba barinda bose.

Ishuri Rikuru rya Gisirikare rifite Amashami arimo Ubwenjenyeri mu Bukanishi, Ubwenjenyeri mu bya Musadobwa, Ubwenjenyeri mu Bwubatsi, Ubuforomo, Imibare, Ubutabire, Ibinyabuzima, Ubugenge n'amategeko.





# Sena yatumije Minisitiri w'Intebe, gukoresha inkwi n'amakara byageze kuri 93,8%


Minisitiri wIntebe Dr Nsengiyumva Justin, yatumijwe na Sena gusobanura imikoreshereze y'ibicanwa

**ZIGAMA Theoneste**

***Abasenateri bafashe icyemezo cyo gutumiza Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva Justin, kugira ngo asobanure ingamba nshya zizakoreshwa nyuma y'uko Leta itabashije kugera ku ntego yari yihaye mu 2024, yo kugabanya ikoreshwa ry'inkwi n'amakara.***

Raporo y'Abasenateri bagize Komisiyo y'Ubukungu n'Imari, yashyikirijwe Inteko Rusange ya Sena kuri uyu wa Mbere tariki ya 4 Kanama 2025, yagaragaje ko intego yo kugabanya ikoreshwa ry'inkwi itagezweho kuko Abanyarwanda bakoreshaga inkwi n'amakara bari 83.3% mu 2017 bagomba kugera kuri 42% mu 2024, itagezweho.

Ubushakashatsi ku mibereho y'ingo bwashyizwe ahagaragara n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) bwerekanye ko ahubwo ikoresha ry'inkwi n'amakara mu 2024 ryazamutse rikagera kuri 93,8%.

Perezida w'iyo Komisiyo, Hon Nsengiyumva Fulgence yagize ati: "Abaturage benshi baracyashishikajwe no gukoresha inkwi, bituma ibiti bisarurwa ku bwinshi ndetse rimwe na rimwe bitaranakura".

Kuri ubu u Rwanda rwihaye intego ko gukoresha inkwi n'amakara bizagera kuri 42% mu 2030.

Senateri Nsengiyumva yavuze ko hakenewe isuzuma rya buri mwaka kugira ngo iyo ntego igerweho.

Abasenateri bahamagaje Minisitiri w'Intebe ngo asobanure ingamba nshya zo gufasha abaturage kubona ingufu zitangiza ibidukikije hagamijwe kugera kuri iyo ntego.

Sen. Nsenguyumva ati: "Ibi bigomba kugenzurwa buri mwaka kuko bifite aho bihurira n'inzego nyinshi zirimo iz"ibidukikije, ubuhinzi, ibikorwa remezo, ubutegetsi bw'Igihugu, uburezi n'izindi."

Yunzemo ati: "Sena yanzuye gutumira Minisitiri w'Intebe gutanga ibisobanuro mu magambo kuri iyi ngingo."

Ubumenyi buke ku ngufu zitangiza ibidukikije

Raporo yagaragaje ko abaturage benshi bataramenya uburyo bwo guteka bukoresha ingufu zitangiza ibidukikije.

Raporo yagaragaje ko hari abaturage batamenya ibikoresho by'ibicanwa bigira imyotsi byangiza imyanya y'ubuhumekero ku baturage, mu guteka cyangwa inkunga Leta itanga.

Hari n'abongera kugurisha ibyo bahawe ku nkunga, n'abumva ko gaze ari mbi, ishobora guteza impanuka cyangwa kanseri. Abenshi baracyakoresha gaze bayivanga n'inkwi.

Sen. Nsenguyumva yavuze ko 25% by'abaturage bagaragaje ko bagira ibicanwa by'inkwi n'amakara ku buryo buhoraho.

Amashuri no mu mijyi ni ho bakoresha inkwi nyinshi

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA), yakoze ubushakashatsi mu 2021, bwerakana ko mu Mujyi wa Kigali hinjira nibura imifuka 60.000 y'amakara buri cyumweru, bivuze ko hegitari 200 z'amashyamba zitemwa buri cyumweru, zingana na hegitari 9,600 buri mwaka, bikadindiza gahunda yo kuva ku gucana inkwi.

Senateri Pelagie Uwera yavuze ko 45.2% by'inkwi zikoreshwa n'amashuri, asaba ko hashyirwaho ingamba zo gukoresha ibibisimbura.

Yagize ati: "Imbaraga zikwiriye kujya ahangaha cyane aho tubona bakoresha inkwi n'amakara cyane babanze bagabanye icyo kiguzi batera igihugu."

Yashyigikiye uwo mwanzuro avuga ko Guverinoma ikwiye gusobanura ingamba zihamye kugira ngo hagabanywe ibyo bicanwa.

# U Rwanda ruzongera kwakira Inama Nyafurika y'Amasoko y'Imari n'Imigabane

**KAMALIZA Agnes**

***U Rwanda rwiteguye kongera kwakira Inama ya 28 y'Ihuriro ry'Amasoko y'Imari n'Imigabane muri Afurika (ASEA) izatangira ku wa 26 kugeza ku wa 28 Ugushyingo 2025, rukazaba ruyakiriye ku nshuro ya kabiri kuko rwaherukaga kuyakira mu mwaka wa 2016.***

Iyo nama ngarukamwaka yitezwe guterana ku nsanganyamatsiko igira iti: "Guhangana n'impinduka ku isoko mpuzamahanga; inzira y'iterambere ry'amasoko y'imari ya Afurika."

Ni inama izitabirwa n'abarenga 300 bafite aho bahuriye n'Isoko ry'Imari n'Imigabane, ba rwiyemezamirimo, abashoramari n'abandi bafatanyabikorwa, aho bazaganira ku bibazo byugarije amasoko y'imari n'imigabane muri Afurika n'uburyo byahabwa umurongo.

U Rwanda rusanzwe ruyoboye Ihuriro ry'Imari n'Imigabane muri Afurika (ASEA), rugaragaza ko ruyitezemo kongera kugaragaza ishusho y'igihugu no gushakira hamwe uko amasoko ya Afurika yavanwaho imipaka.

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Imari n'Imigabane mu Rwanda (RSE), Rwabukumba Pierre Célestin, avuga ko amasoko y'imari n'imigabane muri Afurika akiri ku rwego rwo hasi bitewe na bamwe batarayasobanukirwa

Agaragaza ko nta bigo byinshi biratangira kwitabira isoko ry'imari n'imigabane, ahubwo bitegereza impapuro mpeshamwenda ariko igihe kigeze ngo Abanyafurika batangire bagure imigabane mu masosiyete yabo aho gutegereza abanyamahanga.

Ati: "Kuki tutakwicara hamwe ngo dutekereze kugura imigabane mu masosiyete yacu? Kuki tutagura impapuro mpeshamwenda ngo zubake imihanda yacu tukagombera kujya gushaka akimuhana kandi kaza imvura ihise?"



Pierre Celestin Rwabukumba, Umuyobozi wa RSE akaba na Perezida wa ASEA guhera mu mwaka ushize

Rwabukumba unayoboye ASEA kuva mu mwaka ushize, agaragaza ko kuba abanyamahanga ari bo bihariye isoko ry'imari n'imigabane rya Afurika biyigiraho ingaruka zirimo no kudindira mu iterambere.

Avuga ko Afurika ikeneye guhuza amasoko hakavanwaho imipaka ahubwo hagashyirwaho ibiraro byambutsa kandi bihuza umugabane.

ASEA ni ihuriro ryashinzwe mu 1993, rikaba rifite intego yo guteza imbere ayo masoko n'ubufatanye muri Afurika no ku rwego Mpuzamahanga.

# Ishusho y’uburezi bw’u Rwanda mu myaka 10 ishize



Intego za Politiki y’Uburezi, ni uguha umunyeshuri uburezi bushingiye ku ndagagaciro nyarwanda, ubumenyi mu mibereho n’imibanire

**KAYITARE Jean Paul**

***Intego zihariye za politike y’uburezi mu Rwanda, ni uguha umunyeshuri uburezi bushingiye ku ndagagaciro nyarwanda, ubumenyi mu mibereho n’imibanire ndetse no mu bijyanye no gusoma, kubara no kwandika bihereye mu bwana.***

Minisiteri y’Uburezi (MINEDUC) igaragaza ko indi ntego ari uguteza imbere amasomo ya siyansi, ikoranabuhanga n’imibare (STEM) bishimangirwa hakoreshejwe uburyo bugezweho bwo kwigisha, kwiga, gusuzuma no gukoresha neza ikoranabuhanga.

Raporo ya Minisiteri y’Uburezi yiswe ‘Education Statistical Yearbook’ yo kuva mu 2014 kugeza 2023/2024, Imvaho Nshya ifitiye kopi, yerekana ishusho y’uburezi muri iyo myaka.

Mu 2014, amashuri y’inshuke yari 2.076 yigwamo n’abanyeshuri 159.291.

Amashuri abanza yari 2.650 yigwamo n’abanyeshuri 2.399.439, ayisumbuye yabarirwaga ku 1.502 akigirwamo n’abagera ku 565.312.

Ni mu gihe ibigo byigishaga imyuga ‘Vocational Training Centers’ byari 132 byigirwamo n’abanyeshuri 21.566.

Imibare y’Ikigo cy’Igihugu cy’Ibarurishamibare (NISR) igaragaza ko mu 2014 habarurwaga Abanyarwanda 11.002.631.

NISR igaragaza ko 3.432.441 muri miliyoni zirenga 11 z’Abanyarwanda, bari abanyeshuri n’abarimu. Bivuze ko urwego rw’uburezi muri uwo mwaka rwari 31.2% by’Abanyarwanda bose.

Abanyeshuri biga mu mashuri abanza ni bo bari benshi kuko bihariye 71.4%. Ibigo by’amashuri bya Leta byari 416, ibifashwa na yo ari 1.004 mu gihe ibyigenga byari 1.011.

Minisiteri y’Uburezi igaragaza ko kugeza mu 2023/2024, urwego rw’uburezi rwateye imbere biturutse ku ngamba Guverinoma yagiye ishyiraho hagamijwe guteza imbere uburezi.

Ibigo by’amashuri ya Leta bigeze ku 1.569, ibifashwa na Leta ni 2.077 mu gihe amashuri yigenga ageze ku 1.340.

Abanyeshuri biga mu bigo bya Leta babarirwa kuri 1.879.240 abiga mu yigenga ni 475.509 mu gihe abiga mu bigo bifashwa na Leta ari 2.411.376.

Minisiteri y’Uburezi iherutse kugaragaza ishusho y’umwuga w’uburezi mu Rwanda.

Rose Baguma, Umuyobozi ushinzwe politiki y’uburezi muri Minisiteri y’Uburezi, yavuze ko umubare w’abanyeshuri ku mwarimu wabihuguriwemo by’umwihariko mu mashuri abanza, bavuye kuri 57 mu 2021/2022 bagera kuri 65 mu 2023/2024.

Akomeza agira ati: “Umubare w’abanyeshuri ku mwarimu wabihuguriwemo mu mashuri yisumbuye, bavuye kuri 33 mu 2020/2021 bagera kuri 36 mu mwaka wa 2023/2024.”

Mu rwego rwo guteza imbere uburezi, Baguma avuga ko Inama y’Abaminisitiri yo ku wa 28 Mutarama 2020, yemeje ko abanyeshuri bishyurirwa 50%.

Ati: “Kuva mu 2021/2022 kugeza 2024/2025, Leta imaze kwishyurira abanyeshuri 47.845. Abarimu bamaze guhabwa buruse zo kwiga muri Kaminuza ni 1.447. Hamaze gutoranywa abarimu 300 bazishyurirwa umwaka utaha 2025/2026.”

Muri gahunda ya Guverinoma y’Imyaka Itanu yo kwihutisha Iterambere (NST2), Guverinoma y’u Rwanda yiyemeje ko mu mwaka wa 2029, umubare w’abana biga mu mashuri y’inshuke uziyongera ukava kuri 35% ukagera kuri 65%.

Ibi bizashimangira intego u Rwanda rwihaye yo guteza imbere uburezi ku bana b’inshuke kuko ari bwo musingi wo kubafasha kuziga neza amasomo yo mu bindi byiciro.

Biteganyijwe ko mu myaka itanu abantu miliyoni bazahabwa amahugurwa y’ibanze ajyanye n’ikoranabuhanga, abandi 500.000 bakazahabwa amahugurwa y’ikoranabuhanga yo ku rwego ruhanitse.

Hazashyirwaho ibigo by’indashyikirwa by’amashuri ya TVET bigamije gutanga amahugurwa ku bumenyingiro bukenewe ku isoko ry’umurimo.

# Umusaruro w’inganda wiyongereyeho 8.5% muri Kamena

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Ikigo cy’Igihugu cy’Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), cyatangaje ko muri Kamena 2025, umusaruro w’inganda wiyongereye ku kigero cya 8,5% ugereranyije n’ukwezi kwa Kamena kwa 2024.***

Imibare yasohotse muri raporo yatangajwe ku wa Kabiri, igaragaza ko impuzandengo y’umwaka wose ishimangira ko umusaruro w’Inganda wiyongereye ku kigero cya 6,4%.

Mu bikorwa bitandukanye bibarizwa mu rwego rw’inganda, ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro na kariyeri byazamutse umusaruro ku kigero cya 17,7%, ibikomoka ku nganda byiyongera ku kigero cya 2,3%.

Umusaruro w’amashanyarazi wiyongereye ku kigero cya 12.5% na ho uw’inganda zitunganya amazi no gutunganya imyanda wiyongeraho 3,0%.

NISR ivuga ko ibikorwa by’inganda na byo byiyongereye ku kigero cya 2.3%, iyo nyongera ikaba yaraturutse ku bwiyongere bwa 24,6% mu nganda zongerera agaciro ibiribwa, ndetse n’inyongera ya 28,9% mu munganda zitunganya ibikoresho bitari ibyuma.

Nanone kandi, gutunganya imiti, imikoba (rubber) na pulasitiki byo byagabanyutse ku kigero cya 19,9% na ho gutunganya ibyima, imashini n’ibikoresho bigabanyuka ku kigero cya 6,6%.



Umusaruro w’inganda warazamutse





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry’Ibanze

### *Imiturire yo mu myaka amagana itegurwa kare*

Mu myaka 50 ishize, umusore wese watekerezaga gushinga urugo yabaga yarabanje kubaka inzu mu kibanza yaguze cyangwa yahawe n’ababyeyi, kuko amasambu yabaga ahari kandi byoroshye kubaka bijyanye n’icyo gihe.

Ku babayeho mbere y’imyaka iri hejuru ya 100 ishize, hari ubwo basabwaga gutema ishyamba gusa kugira ngo babone aho batura, bakahashingira imiryango ari na bo bakurambere bacu.

Kuri ubu ibintu byatangiye guhinduka kuko uretse n’abasore hari n’abasigaye bagira abuzukuru bakodesha, kuko bitacyoroshye kubona ikibanza n’ukibonye akaba agisabwa byinshi ngo acyubake, cyangwa se akaba agifite ahatagenewe kubakwa.

Mu yindi myaka 50 iri imbere, birashoboka ko abaturage bazaba bashobora kubaka ari abaherwe babasha kubaka inzu zigeretse zishobora gucumbikira imiryango myinshi icyarimwe.

Uko imyaka ishira indi igataha ni ko abatuye Isi barushaho kwiyongera kandi ubutaka butiyongera, kuri ubu bakaba bamaze kurenga miliyari umunani zirimo abakabakaba miliyari 1.5 batuye ku mugabane w’Afurika.

Abaturage b’u Rwanda na bo barasaga miliyoni 14 mu gihe mu yindi myaka 50 iri imbere bashobora kuzaba barenga miliyoni 20.

Ubwiyongere bw’abaturage buzana n’izindi ngorane zidasanzwe zijyana n’iterambere ryabo nk’imihindagurikire y’ibihe ibateza ingaruka zirimo ibiza, indwara z’ibyorezo n’ibindi.

Ibyo byose bisaba ko abantu bariho mu gisekuru runaka batangira gutekereza no gushyira mu bikorwa ingamba zibafasha gutegura ahazaza h’ibiragano bizabakomokaho.

Ni yo mpamvu, ubu imiturire igomba kugengwa n’igishushanyombonera cyakozwe harebwe ku myaka isaga 100 iri imbere, kuko ni cyo gishobora kuzafasha ba baturage bazaba bariyongereye.

Igishushanyombonera hari ibyo cyemera gukora ndetse hakagira n’ibyo kibuza, mu gusigasira inyungu z’abariho uyu munsi ndetse n’abazaba bariho mu myaka amagana ari imbere.

Kugira ngo abaturage bo mu myaka izaza bazabashe kubaho neza biri mu biganza byacu twe turiho uyu munsi, kuko ibyo tudatekereza bizabasaba kubikora bibagoye cyane, mu gihe byakabaye bikorwa byoroshye ubu.

Iyo ubujijwe kubaka mu kajagari bikakubabaza ujye wibuka ko wikunze cyane ukirengagiza ubuvivi buzagukomokaho buzasanga warabahaururiye amayira.

Ntawukwiye kubaho arwanya gahunda z’iterambere z’igihe kirekire kabone nubwo zaba zikora ku byo abona nk’inyungu ze z’ako kanya ariko zishobora kuzabera akaga gakomeye abo mu gihe kizaza.

# U Rwanda rwemeye kwakira abimukira 250 bava muri USA




Umuvugizi wa Guverinoma yu Rwanda, Yolande Makolo yatangaje ko Guverinoma y’u Rwanda yemeranyijwe na USA kwakira abimukira basaga 250

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y’u Rwanda yatangaje ko yemerenyijwe na Leta Zunze Ubumwe z’Amerika (USA) kwakira abimukira basaga 250 bagiye muri icyo gihugu binyuranyije n’amategeko.***

Umuvugizi wa Guverinoma y’u Rwanda, Yolande Makolo yabyemereye Ibiro Ntaramakuru by’Abongereza (Reuters), ashimangira ko ari muri gahunda yo gushyigikira icyemezo cya Perezida Donald Trump, cyo guhangana n’abimukira binjira muri USA batabiherewe uburenganzira.

Amakuru avuga ko ku ikubitiro u Rwanda rwari rwakiriye abimukira 10 mu buryo bw’igerageza ry’ayo masezerano, bakaba baragejejwe i Kigali muri Kamena 2025.

Makolo yagize ati: “U Rwanda rwemeye kwakira abimukira bagera kuri 250 baturutse muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ahanini kubera ko hafi buri muryango nyarwanda wagezweho n’ingaruka zituruka ku kwimurwa ku gahato, kandi indangagaciro zacu zishingiye ku gusubiza abantu mu buzima busanzwe no kubafasha kwiyubaka”.

Makolo yavuze ko abo bimukira nibagera mu Rwanda bazafashwa kwibona muri gahunda z’iterambere.

Ati: “Hashingiwe kuri ayo masezerano, u Rwanda rufite uburenganzira bwo kubarura buri muntu ku giti cye mbere yo kwakirwa mu gihugu. Abemerewe bazahabwa amahugurwa agamije kubafasha kubona akazi, ubuvuzi, ndetse n’ubufasha mu bijyanye n’icumbi kugira ngo batangire ubuzima bushya mu Rwanda. Ibi bizabaha amahirwe yo kugira uruhare mu iterambere ry’ubukungu riri mu byihuta ku Isi mu myaka icumi ishize.”

Leta Zunze Ubumwe za Amerika ntiziragira icyo zitangaza kuri ayo masezerano.

Perezida Donald Trump afite intego yo kwirukana miliyoni z’abimukira baba muri Amerika mu buryo bunyuranyije n’amategeko, kandi ubuyobozi bwe buri kongera imbaraga mu kubohereza mu bindi bihugu, harimo no kohereza abahamwe n’ibyaha muri Sudani y’Epfo na Eswatini.

Ubuyobozi bwa Trump buvuga ko kohereza abimukira mu bindi bihugu bifasha kubirukana byihuse, harimo n’abahamwe n’ibyaha.

Abashyigikiye izo politiki zikaze ku bijyanye n’abimukira babibona nk’uburyo bwo guhangana n’abantu bafite ibyaha bakurikiranweho, koherezwa iwabo kandi bashobora guteza ibyago ku mutekano rusange.

Amakuru avuga ko Leta Zunze Ubumwe za Amerika zizaha u Rwanda inkunga mu rwego rwo gushyigikira amasezerano yo kwakira abimukira, ikazatangwa mu buryo bw’impano (grant), gusa ingano yayo ntiratangazwa.

Biteganyijwe ko u Rwanda ruzemera gusa kwakira abamaze kurangiza ibihano byabo cyangwa abatagifite dosiye z’ubutabera, kuko nta masezerano ahari hagati ya Kigali na Washington yemera ko umuntu yarangiriza igihano yakatiwe muri Amerika ari mu Rwanda.

Byongeye kandi nta muntu ukurikiranyweho ibyaha byo gusambanya abana uzemererwa kwinjira mu Rwanda.

Ubuyobozi bwa Perezida Donald Trump bukomeje gusaba ibindi bihugu ngo byemere kwakira abimukira.

Mu kwezi kwa Werurwe, bwirukanye Abanyavenezuela barenga 200 bashinjwaga kuba abanyabyaha bakora n’imitwe yitwara gisirikare, bubohereza muri El Salvador, aho bafungiwe kugeza igihe barekuwe mu masezerano yo gusaranganya imfungwa mu kwezi gushize.

**Imibanire y’u Rwanda n’Amahanga**

Abayobozi b’ibihugu byo mu Burengerazuba ndetse n’Akarere bashimiye Perezida Paul Kagame uruhare yagize mu kuzahura u Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahitanye abasaga miliyoni imwe, kugeza ugejeje ku rwego rw’ubukungu ruri kwiyongera.

U Rwanda kandi rufite uruhare mu biganiro by’amahoro byayobowe na Leta ya Trump bigamije guhagarika intambara mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Muri Kamena, u Rwanda na RDC byasinye amahame y’amasezerano y’amahoro yabereye i Washington, atanga icyizere ko imirwano imaze guhitana abantu benshi no gukura mu byabo abantu babarirwa mu bihumbi, mu 2025 ishobora guhagarara.

Amasezerano yo kwakira abimukira birukanywe muri Amerika si bwo bwa mbere u Rwanda ruyasinye. Muri 2022, rwasinyanye amasezerano n’Ubwami bw’u Bwongereza yo kwakira ibihumbi by’abashaka ubuhungiro.

Ariko ayo masezerano yaje guhagarikwa umwaka ushize na Minisitiri w’Intebe mushya wari umaze gutorwa, Keir Starmer.

# Isoko ry'Imari n'Imigabane ryakusanyije miliyari 100 Frw muri Nyakanga

NTAWITONDA Jean Claude

***Ubuyobozi bw'Isoko ry'Imari n'Imigabane (RSE) bwatangaje ko ukwezi kwa Nyakanga kwasoje neza, kuko ibikorwa byanyuze kuri iryo soko bivuye mu nzego za Leta n'iz'abikorera byakusanyije miliyari zisaga 100 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Umuyobozi Mukuru w'Isoko ry'Imari n'Imigabane ry'u Rwanda (RSE) Rwabukumba Pierre Célestin, yagaragaje ko ibyo byatewe n'ubwiyongere bw'imishinga inyuranye mu isoko, uruhare rw'abashoramari ndetse n'imigendekere myiza y'amasoko y'inyongera (secondary markets).

Yagaragaje ko ibyo bishimangira umusanzu w'ingenzi wa RSE mu guharanira iterambere rirambye ry'u Rwanda.

Yagaragaje kandi ko isoko ry'ibanze (primary market) ryakusanyije miliyari 98 z'amafaranga y'u Rwanda, amenshi akaba yaraturutse ku mpampuro mpeshamwenda ryazamuye abiyandikisha muri gahunda y'isko ry'impapuro mpeshamwenda bazamutse ku kigero cya 246%.

Ati: "Ubwo bwiyongere bwitezweho guteza imbere intego z'ingenzi z'iterambere zirimo no kwagura isoko ry'imari n'imigabane ndetse no kubaka ikirere gihamye cy'ubukungu buciriritse."

Ikindi cyongereye imari kuri iryo soko ni icyiciro cya kabiri cy'isoko ryatanzwe n'Ikigo Mpuzamahanga cy'Imari (IFC) mu gihe kiringaniye ryakusanyije miliyari 24, ndetse abashoramari bo mu Rwanda baryiyandikishijemo bakaba barageze ku kigero cya 171,4%.

Mu ntambwe ishimishije yatewe n'urwego rw'abikorera ndetse n'urwego rw'ubuvuzi, Ikigo Africa Medical Supplier PLC cyahawe uburenganzira bwo gukusanya miliyari 5 z'amafaranga y'u Rwanda binyuze kuri iryo soko, rukaba ari rwo rwego rwa mbere rw'ubuvuzi rwashyize hanze impapuro mpeshamwenda.

Izi mpapuro mpeshamwenda z'igihe kiringaniye (Medium-Term Bonds) zizatangwa ku nyungu ya 13.25% buri mwaka, kandi zizishyurwa mu gihe cy'imyaka itanu.

Ibyo bishimangira intambwe ikomeye ikomeje guterwa mu kubyaza umusaruro ishoramari ry'abikorera mu rwego rw'ububuzi ndetse no guharanira gushyigikira uruhererekane rw'ibikoresho by'ubuvuzi.

Uruganda rw'Ifu y'Ibigori rwa Mahwi na rwo rwatangaje gahunda yo gutanga icyiciro cya kabiri cy'impapuro mpeshamwenda, ubu na rwo rukaba rwarashyizwe ku rutonde rw'ibigo byitabira isoko.

Rwabukuma yahamije ko ubwitabire bukomeje kwiyongera bushimangira uburyo ibigo byo mu Rwanda bikomeje kurangwa n'inyota yo kubaka igishoro kiramba, kwagura ibikorwa no kwimakaza umutekano w'ibiribwa binyuze mu isoko ry'imari n'imigabane.

Mukwezi kwa Nyakanga nanone kandi, Ikigo cy'Itumanaho MTN Group cyagaragaje ubushake bwo kongera uruhare rwacyo binyuze mu biganiron cyagiranye na RSE ndetse n' Urwego rw'u Rwanda Rugenzura Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA).

Ibyo biganiro bigamije kongerera imbaraga imikorere inyuze mu mucyo, kubahiriza amabwiriza ndetse no guhererekanya amakuru hagati y'abashoramari.

Nanone kandi amasoko y'inyongera (secondary market) yakomeje gukora neza, aho ibyayacururijweho byashimangiye ubwitabire bw'abashoramari kuri ubu basaga 100.000 bari muri iryo soko.

Raporo yakozwe ku bikorwa by'isoko ry'imari n'imigabane muri rusange, ishimangira ko ubucuruzi bwarikoreweho bufite agaciro ka miliyari 367,6 z'amafaranga y'u Rwanda, iyo shusho ikaba ishimangira uburyo ibigo by'imari bikomeje koroherezwa kubona uburyo bunyuranye bwo guhaza abakeneye inkunga y'igihe gito.

Ubuyobozi bwa RSE bugaragaza ko ubwiyongere bw'ibikorwa by'isoko ry'imari n'imigabane bushimangira nanone uburyo iryo soko rirushaho kugirirrwa icyizerenk'isoko y'urwunguko n'umusingi w'ishoramari rirambye.

Mu gihe umwaka ugikomeje, ubuyobozi bwa RSE bushimangira ko bukomeza kwimakaza uruhererekane rw'imari rudaheza kandi rujyanye n'igihe, bugasaba ibigo binini, ibito n'ibiciriritse kudacikanwa n'aya mahirwe.



Ubuyobozi bw'Isoko ry'Imari n'Imigabane bwakusanyije miliyari zisaga 100 z'amafaranga y'u Rwanda muri Nyakanga



Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'ubuzima Dr Butera Ivan, yasobanuye ko kwemerera abangavu b'imyaka 15 guhabwa imiti ibuza gusama, bizabarinda gutwara inda z'imburagihe

# Abana babyarwa n'abangavu, 38% baragwingira

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE) yatangaje ko 38% by'abana bakomoka ku bangavu baba bafite ibyago byo kugwingira n'ibindi bibazo bikomoka ku buryo bavutse.***

Umunyamabanga wa Leta muri MINISANTE, Dr Butera Ivan, yabisobanuriye Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite ku wa Mbere tariki ya 4 Kanama 2025.

Hari mu gikorwa cyo gusuzuma umushinga w'itegeko rigenga serivisi z'ubuvuzi harimo n'ingingo ijyanye no kwemerera abana bafite imyaka 15 guhabwa uburenganzira kuri serivizi zo guhabwa imiti ibuza gusama mu gihe yasambanyijwe bidasabye ko baba bari kumwe n'ubarera cyangwa umubyeyi wabo.

Dr Butera yavuze ko iryo tegeko nirimara gutorwa bizakuraho imbogamizi z'abana b'abangavu babyaraga bagahura n'ibibazo bo ubwabo n'ababakomokaho.

Yagize ati: "38% by'abana bakomoka kuri aba bangavu bagira igwingira, kandi birumvikana kuko umwana w'imyaka 15 ubyaye atiteguye, ashobora no kugira ibibazo byo mu mutwe n'ibindi bigenda biza."

Dr Butera yavuze ko kwemerera abana bafite imyaka 15 gufata imiti imurinda indwara zandurira mu myanya myibarukiro bidakuraho imyaka y'ubukure isanzwe yemewe n'amategeko 18.

Yagize ati: "Iyi myaka twavuze gutanga serivisi ku ngimbi n'abangavu guhera ku myaka 15, ntabwo dukuyeho uruhare rw'umuryango ahubwo turagira ngo tuwurinde. Ntabwo twifuza ko hari umuntu wakenera izo serivisi z'ubuzima ntazibone kandi zihari."

Yavuze ko ubukangurambaga bukomeje gukorwa bwo kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsinda ariko ikibazo cy'abana batwara inda z'imburagihe gikomeje kugaragara.

Ati: "Ubukangurambaga n'uburere birafasha ariko kubihuza n'ibindi bijyanye n'ubumenyi n'ibikoresho by'ubuvuzi,

KOMEZA KU RUP.9





## Abana babyarwa n'abangavu, 38% baragwingira

IBIKURIKIRA URUP.8

bitanga umusaruro ugaragara.

Murabyibuka mu 1981, ubwandu bwa virusi itera Sida bwaduka, ubukangurambaga bwo kwirinda no kwifata bwagiye butangwa ariko impinduka ikomeye twagiye tuyibona hamaze kuboneka imiti n'ibindi bikoresho byagiye bitangwa, ubu tukaba tugeze aho abashakashatsi bashobora kubona n'urukingo."

Yakomeje avuga ko guhuza ubwo bukangurambaga n'imiti itangwa kwa muganga, bizakomeza gufatanya n'ibikoresho by'ubuvuzi bizunganirana kugira ngo bitange umusaruro.

Hari Abadepite bagaragaje ko hakwiye gushyirwa imbaraga mu gushishikariza abana b'abangavu n'ingimbi kwirinda kwishora mu busambanyi ari na bwo butuma batwara inda z'imburagihe.

Hon Uwamariya Veneranda, Perezida wa Komisiyo y'imibereho y'abaturage ageza Raporo ku Nteko Rusange ku bijyanye n'iri tegeko, yasobunuye ko guha serivisi z'ubuvuzi abangavu bigifite imbogamizi kandi ko kubemerera kuzifata atari ukubaha urubuga rwo gusambana.

Ati: "Umwana ashobora gusambanywa ariko yagera kwa muganga kubera ko atemerewe guhabwa imiti imubuza gusama, bakazarindira ko umubyeyi we cyangwa umurera aboneka, kandi bwa burwayi bufite amasaha 24, kugira ngo imurinde".

Minisiteri y'Ubuzima itangaza ko buri mwaka abana hafi 9 000 bagaragara ko baba bafite ibyago byo kugwingira, mu gihe iryo tegeko ryatorwa bizafasha abangavu kubona imiti ibuza gusama bityo bigakuraho izo mbogamizi.

# Hari abafungiwe Jenoside yakorewe Abatutsi bafunguwe bashaka kurya batakoze



Hari bamwe mu barangije ibihano ku byaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bafungurwa bagera imuhira bagashaka kurya batakoze

KAMALIZA Agnes

***Abasenateri bagize Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano bagaragaje ko hari bamwe mu barangije ibihano ku byaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bafite ingeso mbi aho bagera mu Muryango Nyarwanda bagashaka kurya batakoze nkuko babimenyereye mu magororero ndetse abandi bakiremamo udutsiko.***

Ni ibyagaragajwe kuri uyu wa 04 Kanama, ubwo bagaragazaga raporo ku gikorwa cyo kugenzura ibikorwa mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no guteza imbere ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

Senateri Nyirasafari Esperance yagaragaje ko leta ikwiye kongera imbaraga mu kwigisha abagororwa bitegura gufungurwa kuko hari abasohoka baramenyerewe kugaburirwa batakoze bakumva ko no hanze ari ko bizakomeza.

Yagize ati: "Mu mico basohokana hari nuza kuko yamenyereye kugaburirwa, kurya yicaye kuko muri gereza barya batakoze yagera no mu rugo akumva azajya agaburirwa yicaye. Ubwo uwo mugore uzakugaburira udakora… ntabwo bishoboka ntiyakugaburira icyumweru ukwezi udakora."

Yavuze ko imibanire abafungurwa n'abandi basanze hanze igomba kwitabwaho kuko bashobora kwanduza sosiyete bitewe n'imico bazanye.

Yongeyeho ati: "Imibanire yabo ni ngombwa kuko iyo bitwaye nabi banduza n'abandi, ugasanga ntibashaka kujya mu nama cyangwa bajyayo bakicara ukwabo ugasanga bakoze itsinda ryabo."

Abasenateri bagaragaje kandi ko hari bamwe bafungiwe gukora Jenoside bagifite ingengabitekerezo yayo kandi bagenda bagaragara hirya no hino nubwo atari benshi.

Sen. Nyirasafari yavuze ko nubwo hari abagaragaye ariko bidakanganye kuko igihugu cyafashe ingamba zihamye zo kuyirwanya.

Ati: "Abafunguwe barakoze ibyaha bya Jenoside bagaragayeho ingengabitekerezo barimo twagiye duhabwa ingero nk'abavuga bati 'igitanda cyanjye aho nagisize ndahazi, aho nashyize abandi nawe nahakujyana."

Yagaragaje hakwiye kuminjirwa agafu mu kubategura ariko Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi 1994, na bo ari icyiciro cyihariye cyo kwigishwa by'umwihariko kugira ngo babane nta rwikekwe cyangwa ngo babone bagire ngo basubiye mu icuraburindi.

Ati: "Hari aho batubwiraga bati uzi guhura n'umuntu utarigeze umenya ko azafungurwa ugira ngo urarota! Ugira ngo usubiye muri cya gihe cya Jenoside."

Perezida w'iyo Komisiyo Sen. Murangwa Hadija, yemeje ko nubwo hari ababana na bagenzi babo amahoro nyuma yo gufungurwa ariko hari ikindi kiciro kigoye gisaba guhatwa amasomo ubudasiba.

Avuga ko umuntu ufungurwa afashwa n'inzego z'ibanze kwisanga mu muryango ariko abo asanze na bo bakwiye gushyiraho akabo ngo agendane nabo mu mico myiza n'ibindi bikorwa by'iterambere.

Ati: "Umuntu iyo yarangije igihano yarafunguwe, akwiriye kwisanga mu bandi Banyarwanda ahubwo uburyo bwo gukurikirana ntabundi ni ugutegura abamwakira no kumutegura ubwe ku buryo azisanga mu bandi Banyarwanda."

Komisiyo yagaragaje ko isanga gusubiza mu muryango nyarwanda abarangije ibihano ku byaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi biramutse bidakozwe neza bishobora kuganisha ku kwiyongera kw'ingengabitekerezo yayo no kudindiza ubumwe n'ubudaheranwa.

Imibare y'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Igorora (RCS) igaragaza ko abantu 65.000 ni ukuvuga 75% barangije ibihano ku cyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi, 16.022 bangana na 22%, bafunze bategereje kurekurwa mu gihe 4.295 bangana 3% bakatiwe igifungo cya burundu, naho 457 bafunze bazira ingengabitekerezo.

# Kirehe: Bashimiye Leta y'u Rwanda yabegereje ikoranabuhanga mu kuhira

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Abahinzi bibumbiye muri Koperative y'Abahinzi ba Nasho (NAICO), ikorera mu Murenge wa Nasho, Akarere ka Kirehe bashimiye Leta y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo ku mushinga w'ikoranabuhanga mu kuhira wateje imbere imibereho yabo mu buryo bugaragara.***

Aba baturage babigarutseho ubwo bakiraga Minisitiri w'Intebe Dr Justin Nsengiyumva watangiye uruzinduko rw'iminsi ibiri mu Ntara y'Iburasirazuba guhera ku wa Gatanu tariki 8 Kanama 2025.

Dr Nsengiyumva yasuye abo bahinzi bakorera mu mushinga wo kuhira wifashisha ingufu z'amashanyarazi aturuka ku izuba watangijwe mu mwaka wa 2020 hagamijwe kongera umusaruro no kurushaho gukoresha neza ubutaka, amazi n'inyongeramusaruro.

Abahinzi bahinga muri iki cyanya cyuhirwa babwiye Minisitiri w'Intebe ko kuhira byatumye umusaruro wiyongera ku buryo bugaragara, umuntu wezaga ibigori byinshi yezaga toni 1.5 kuri hegitari, ubu hari n'abageze kuri toni 10.

Ishuti Shyaka Dierry, umukozi w'umushinga wo kuhira i musozi mu kibaya cya Nasho, yavuze ko umuntu wezaga ibigori byinshi bataratangira kuhira yezaga toni 1.5 kuri hegitari, ariko ubu umusaruro kuri hegitari ungana toni 6.2,7hari n'abageze kuri toni 9.

Uyu mushinga watangijwe ku bufatanye bwa Guverinoma y'u Rwanda n'umuherwe Howard G. Buffett ufasha abahinzi baciriritse basaga 2090, aho ikoranabuhanga ryo kuhira rikoresha ingufu z'amashanyarazi zituruka ku mirasire y'izuba zingana na MW 3,3.

Muri uwo mushinga kandi hanubatswe Umudugudu w'Icyitegererezo ugizwe n'inzu 144, aho abatishoboye bawuturiye batujwe mui izo nzu zubatswe mu buryo bugezweho kandi butangiza ibidukikije.

Ubwo Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yasuraga abaturage bamaze kugeza kuri byinshi n'uwo mushinga w'ubuhinzi bwuhira bukoresha ingufu z'imirasire y'izuba i Nasho, bamugaragarije ko bishimira kuba ubuhinzi bw'u Rwanda bukomeje gutera imbere mu nyungu z'umuturage.

Abo baturage bahurijwe hamwe bagaragaje ko bamaze kungukira ku ikoreshwa ry'uburyo bwuhira hifashishijwe ikoranabuhanga rizwi nka pivoti, Minisitiri w'Intebe abasaba gukoresha neza iri koranabuhanga kugira ngo barusheho kongera umusaruro.

Yanashishikarije urubyiruko kwitabira ibikorwa by'ubuhinzi mu buryo bufatika.

Ku wa 11 Werurwe 2020, ni bwo Perezida wa Repubulika Paul Kagame n'Umuherwe Howard G. Buffett batashye kumugaragaro uwo mushinga wahinduye imibereho y'abaturage.

Perezida Kagame icyo gihe yavuze ko ubuhinzi no kubungabunga ibidukikije byahurijwe muri uwo mushinga kugira ngo ube intangarugero.

Uyu mushinga wuzuye utwaye akayabo ka miliyoni zisaga 54 z'amadolari y'Amerika, ukaba waratangijwe hagamijwe kurushaho kongera umusaruro w'abahinzi no kugabanyiriza abahinzi umutwaro wo gukora ubuhinzibubagora ariko butabungura.

Muri uwo mushinga hasanwe imihanda y'imigenderano ya kilometero 24 ndetse n'indi mishya y'ibilometero 10 yahanzwe hagamijwe koroherezа abahinzi mu bikorwa by'ubuhinzi no gutwara umusaruro.

Koperative ya NAICO ni yo yabumbiwemo abahinzi basaga 2100 bakorera ahari uwo mushinga bakaba bakaba ari bo bacunga oiryo koranabuhanga banaribyaza umusaruro.

Kugeza uyu munsi umusaruro w'ibigori ingunga imwe ubarirwa hagati ya toni 5.5 na toni 10 kuri hegitari, na ho uw'ibishyimbo ukaba ubarirwa muri toni 1.5 kuri hegitari. Ku birebana na soya, na ho babona umusaruro wa toni 1.3 kuri hegitari.




umushinga w'ikoranabuhanga mu kuhira wateje imbere imibereho y'abagize koperative NAICO

# IBUKA yashimye ko Norvege yohereje Gasana ukurikiranyweho gukora Jenoside



Perezida wa IBUKA, Dr Gakwenzire Philbert yashimye Norvege yohereje u Rwanda Gasana ukekwaho gukora Jenoside

**ZIGAMA Theoneste**

***Umuryango Uharanira Inyungu z'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 (IBUKA) watangaje ko wakiriye neza inkuru yo koherezа Gasana François ukurikiranyweho icyaha cya Jenoside, woherejwe mu Rwanda avuye muri Norvege.***

Perezida wa Ibuka, Dr Gakwenzire Philbert yabibwiye RBA, nyuma yaho Gasana yari amaze kugezwa mu Rwanda, ashimangira ko ari amakuru bari bategereje.

Yagize ati: "Inkuru y'uko inzego z'umutekano muri Norvege zohereje Gasana Francois mu Rwanda, nk'Umuryango IBUKA n'abarokotse muri rusange, twayakiriye neza. Nk'uko mubizi ni icyemezo cyari kimaze igihe cyarafashwe guhera tariki 27 Kamena 2025".

Dr Gakwenzire yakomeje avuga ko kuva hafatwa icyemezo cyo kohereza Gasana mu Rwanda yakomeje kujurira ariko bikaba byararangiye atsinzwe, kuko yangaga koherezwa mu Rwanda.

Ati: "Kuba rero byageze ku mwanzuro wo kubahiriza ubutabera murumva ko biduhimishije nk'abarokotse Jenoside no ku Gihugu n'abandi bose bashyigikiye ubutabera."

Ku wa Gatanu tariki ya 8 Kanama 2025, Ubushinjacyaha Bukuru bw'u Rwanda bwakiriye Umunyarwanda François Gasana wiyise Franky Dusabe, woherejwe n'Igihugu cya Norvege kuza kuburanira mu nkiko z'u Rwanda kubera ibyaha akekwaho bya Jenoside.

Ubushinjacyaha Bukuru buvuga ko mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 Gasana w'imyaka 53 yari umunyeshuri akaba yarabaga mu yahoze ari Segiteri ya Ndaro, ubu ni mu Karere ka Ngororero mu Ntara y'Iburengerazuba.

Ubushinjacyaha Bukuru buvuga ko mu mwaka wa 2007, Gasana yakatiwe n'Urukiko Gacaca rwa Nyange, ahanishwa igifungo cy'imyaka 19 kubera uruhare yagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Gasana yavukiye mu yahoze ari Selire ya Bitabage, Segiteri ya Ndaro, ubu ni mu Karere ka Ngororero, Intara y'Iburengerazuba.

Ubushinjacyaha Bukuru bw'u Rwanda burashimira ubufatanye bw'inzego z'ubutabera za Norvege, mu kurwanya ibyaha muri rusange, ndetse n'uruhare rwabo mu rugamba rwo kurwanya umuco wo kudahana.

Norvege ni kimwe mu bihugu bitanga umusanzu ukomeye mu gukurikirana abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi.







Biba byiza, iyo uwigisha abana bafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga azi ururimi rw'amarenga

# Abasaga 17 000 bamaze guhugurwa ku burezi bw'abana bafite ubumuga

**KAYITARE Jean Paul**

***Raporo ya Minisiteri y'Uburezi, MINEDUC, izwi nka 'Education Statistical Yearbook' yatangajwe mu kwezi kwa Gicurasi 2025, igaragaza ko umubare w'abakozi mu rwego rw'uburezi bahawe amahugurwa ku burezi bw'abana bafite ubumuga (Special Needs Education - SNE) no ku burezi budaheza (Inclusive Education).***

Ni umubare Minisiteri y'Uburezi ivuga ko wiyongereyeho abantu 752, bava ku 16 412 muri 2022/2023 ugera ku 17 164 muri 2023/2024, bangana na 12.1% by'abakozi 142 031 bari mu rwego rw'uburezi.

Umubare w'abarimu bahawe amahugurwa mu bijyanye n'uburezi bw'abana bafite ubumuga, wariyongereye uva ku 2,862 mu 2017 ugera ku 15,177 mu 2023/2024.

Naho abayobozi bahawe amahugurwa mu bijyanye n'ubu burezi bw'abana bafite ubumuga, biyongereyeho 14.4%. Bavuye kuri 536 mu 2017 bagera ku 1,987 mu 2023/2024.

Raporo ya Minisiteri y'Uburezi, igaragaza ko nubwo hari intambwe imaze guterwa, igipimo cy'abakozi bahawe amahugurwa kikiri hasi.

Ikomeza igira iti: "Bigaragaza ko hakenewe gahunda nini kandi ihamye yo guhugura abakozi bose bo mu burezi, yaba abarimu ndetse n'abayobozi, mu bijyanye n'uburezi budaheza."

Mu mashuri makuru na za kaminuza, habarurwa abanyeshuri bafite ubumuga 1 561.

Abahungu 1 088 bangana na 69.7% n'abakobwa 473 bari ku ijanisha rya 30.3%.

Imibare igaragaza ko abanyeshuri 1 217 bangana na 78% bafite ubumuga cyangwa imbogamizi zitandukanye.

Ni mu gihe abanyeshuri 258 bangana na 16.5%, bafite ubumuga bw'ingingo.

Mu mashuri y'abakuze biga gusoma no kwandika, abanyeshuri 243 bafite ubumuga, 148 muri bo ni abagore bangana na 60.9% n'abagabo 95 bangana na 39.1%.

Raporo 'Education Statistic Yearbook' ya 2023/2024 yatangajwe muri Gicurasi uyu mwaka, igaragaza ko muri abo banyeshuri bakuze bafite ubumuga, 173 bafite ubumuga bw'ingingo.

Faustin Renzaho, Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Umuryango Rusange w'Abantu bafite ubumuga mu Rwanda (AGHR), avuga ko mu burezi bw'abana bafite ubumuga hari byinshi byakozwe ariko hari ibindi bikeneye gukorwa.

Ati: "Umwana utumva akenshi ajya mu ishuri agakurikira areba ku minwa ya mwarimu umwigisha iyo babimenye kare bakamushyira imbere akabishobora ariko mu buryo bwiza bwo kwiga ni uko wa mwarimu yakabaye azi rwa rurimi rw'amarenga na we akigisha mu buryo bumworoheye."

Odette Mujawayezu, umwarimu kuri G.S Bihinga mu Karere ka Gatsibo, yahamirije Imvaho Nshya ko ari umwe mu barimu bahuguwe ku burezi bw'abana bafite ubumuga.

Yagize ati: "Abana bafite ubumuga ntabwo twakunze guhura nabo mu kigo nigishamo keretse abafite ubumuga bwingingo.

Ururimi rw'amarenga rero ndaruzi ku buryo bampaye umwana ufite ubumuga bwo kutumva no kuvuga bitangora kumwigisha. Nabasha kumvikana na we."

Imibare ya Minisiteri y'Uburezi yo mu 2023/2024, igaragaza ko abanyeshuri bafite ubumuga bagera ku

# MININFRA yasobanuye uko abarengera igishushanyombonera bahagarikwa kubaka

**NYIRANEZA Judith**

***Ku bijyanye n'imikoreshereze y'ubutaka, hakozwe ibishushanyombonera bigaragaza ibiteganyijwe gukorerwa ku butaka runaka, kugira ngo imiturire inozwe, ariko hashobora no kubaho irengayobora naryo ritakitabwaho, hagahagarikwa ibikorwa byo kubaka.***

Byagarutsweho na Minisitriri w'Ibikorwa Remezo, Dr Gasore Jimmy, ko hashobora kugira ibihabwa burenganzira mu buryo bw'irengayobora.

Yagize ati: "Abantu bashobora kuba batuye ari abantu benshi cyangwa se batabona hafi aho bakwiyogoshesha, hajemo irengayobora ryo kuvuga ngo umuntu ashobora gusaba gukora mu buryo bwihariye akemererwa gukora igitandukanye n'icyo aho hantu hagenewe by'ibanze."

Yakomeje asobanura ko hari abarengereye igishushanyombonera, ariko icyo gihe ibikorwa bihagarikwa.

Ati: "Ibyo n'ubundi birakorwa, ariko mu magenzura twagiye dukora twabonye ko biri gukoreshwa mu buryo butari irengayobora, ahubwo birimo gukoreshwa mu buryo bubangamiye cya gishushanyombonera, aho usanga ahari haragenewe imiturire harimo gukoreshwa haganishwa mu bindi, mu bucuruzi, muri serivisi z'ubukerarugendo n'amahoteli, mu bucuruzi bw'inzoga, haba aho zibikwa n'utubari."

Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, Dr Gasore, avuga ko magenzura yakozwe, agaragaza ko hari imyubakire ibangamiye igishushanyo mbonera ihagarikwa.

Ati: "Ibyo byose rero twabonaga ko bitangiye gutuma intego y'igishushanyombonera itakara, ni ho twavuze tuti kubera umuvuduko bifite, kubera ko abantu bari kubiyoboka cyane reka tube tubihagaritse, nitumara kubihagarika, ntidukuraho n'ubundi ko abantu batuye ari benshi bashobora gukenera aho bashyira igikorwa rusange cy'inyungu zabo nk'ishuri, bizakomeza byemezwe, ariko twabaye tubihagaritse."

Hari aho usanga umuntu afite ubutaka ashaka kubaka ikiraro cyo kororeramo gisa neza, hari n'abubaka ibigeretse, mukamwemerera, mwazagaruka mugasanga ya nzu ayituyemo cyangwa yabaye ishuri."

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) yavuze ko igihe cyo guhagarika by'agateganyo gutanga ibyangombwa byo kubaka inzu zitagenewe guturwamo ahagenewe imiturire, kitazarenza amezi abiri.

Intego y'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe imikoreshereze y'Ubutaka (NLA) ni ukugaragaza ko ubutaka buzakoreshwa guhera 2050 hakurikijwe ubwiyongere bw'abaturage, umuvuduko w'iterambere mu nzego zose ndetse n'intego Igihugu kihaye kugeraho mu 2050.

Hashingiwe ku mubare w'abaturage na serivisi zizaba zikenewe mu guteza imbere imibereho y'abatuye mu mijyi bazaba bageze ku kigero cya 70% by'Abanyarwanda bose muri 2050.

# Musanze: Gakoro amapoto amaze imyaka 4 ashinze bagitegereje amashanyarazi

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abaturage bo mu Mudugudu wa Gakoro, uri mu Kagari ka Birira, Umurenge wa Kimonyi mu Karere ka Musanze, bavuga ko ari bo bonyine mu Midugudu 19 igize ako Kagari bataragerwaho n'amashanyarazi, nyamara batuye mu nkengero z'umujyi wa Musanze.***

Bavuga ko ibi bibadindiza mu iterambere, bikanagira ingaruka ku mutekano wabo, kuko ngo abanyabyaha bitwikira umwijima bakaza kubacuza utwabo.

Aba baturage bavuga ko imirimo imwe n'imwe y'ibanze ibasaba gukora ingendo ndende. Nko gucaginga telefone bibasaba urugendo rw'iminota 40 berekeza kuri santere y'ubucuruzi ya Kimonyi.

Mukankunzimana Joséphine, umwe mu baturage bo muri Birira, yagize ati: "Ni twe twasigaye inyuma muri aka Kagari, REG yaradusimbutse. Ibi bitugiraho ingaruka nyinshi kuko gucaginga telefone bidusaba gukora urugendo runini kandi twishyura. Ikindi, ibisambo biva mu mujyi bikisunga umwijima wa hano bikaducuza utwacu. Twifuza ko baduha umuriro nk'abandi."

Abaturage bavuga ko kubura amashanyarazi bibangamira n'imyigire y'abana, ndetse bikadindiza uburyo bwo kubona amakuru no kwiyungura ubumenyi.

Sebakara Jean de Dieu yagize ati: "Abana bacu ntibashobora gusubiramo amasomo nijoro, kandi ntitugira televiziyo cyangwa mudasobwa. Ubu abifite bagura imirasire y'izuba, ariko natwe tubonye umuriro byadufasha cyane. Amapoto yarashinzwe hashize imyaka ine, ariko nta muriro turabona. Birababaje kuba dutuye hafi y'umujyi ariko tukibona mu mwijima."

Ku ruhande rwa REG, Umuyobozi w'ishami rya Musanze, Regis Batangana, ahamya ko aba baturage batibagiranye, ahubwo ikibazo cyatewe no kubura ibikoresho.

Yagize ati: "Ntabwo twirengagije ko abaturage bo mu Mudugudu wa Gakoro ko bakwiye kugira umuriro nk'abandi. Kuba amapoto amaze igihe kirekire atarashyirwaho insinga, byatewe no kubura ibikoresho birimo insinga. Ariko uyu mwaka wa 2025 uzarangira bose bacanye. Turabasaba kwihangana."

Imibare ya REG igaragaza ko 80% by'ingo ziri mu Karere ka Musanze zimaze kugerwaho n'amashanyarazi, mu gihe gahunda ari uko ingo zose zagerwaho na wo mu myaka mike iri imbere.

Mu 2030, intego ni uko ingo zose zo mu Rwanda zizaba zifite umuriro w'amashanyarazi 100%.



Gakoro bashinze amapoto imyaka ibaye 4 nta muriro



Umuvugizi wAbahamya ba Yehova mu Rwanda, Migambi Franзois Regis, avuga ko abitabiriye bazinjiza asaga miliyari 5 Frw

# Ihuriro Mpuzamahanga ry'Abahamya ba Yehova rizinjiriza u Rwanda asaga miliyari 5Frw

**ZIGAMA Theoneste**

***Ubuyobozi bw'Itorero ry'Abahamya ba Yehova mu Rwanda bwatangaje ko Ihuriro ry'abo bahamya rikoraniye i Kigali ryitabiriwe n'abasaga ibihumbi 40 bo hirya no hino ku Isi, bakaba bitezweho inyungu y'asaga miliyari 5 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Umuvugizi w'Abahamya ba Yehova mu Rwanda, Migambi François Regis, ku wa Gatandatu tariki ya 9 Kanama 2025, yabihamirije itangazamakuru avuga ko iyo mbaga y'Abahamya ba Yehova irimo kwitabira ibikorwa bitandukanye bitanga inyungu ku Gihugu.

Yagize ati: "Abo bashyitsi bafashe amahoteli 27 hano muri Kigali, hari uburyo bwo gutwara abantu bakoresha. Tukaba twaragereranyije nibura bazinjiza miliyari zisaga 5 z'amafaranga y'u Rwanda, kandi twebwe twashoyemo nka miliyari 1 yo kubitegura."

Abahamya ba Yehova mu Rwanda bavuga ko iryo huriro u Rwanda rwakiriye ari inyungu ku Gihugu, kuko ari urubuga rwo gusangira Ijambo ry'Imana n'ubundi bumwe ku baturutse mu bice bitandukanye by'Isi.

Umwe yagize ati: "Iri koraniro riradufasha kuko duhura n'abantu duhuje imyizerere noneho ubu turanahura na bagenzi bacu baturuka mu bihugu bitandukanye turahura, tugaterana inkunga."

Undi ati: "Binsigira kunga ubumwe n'abo duhuje gusenga n'abo tutaguhuje ku Isi yose. By'umwihariko turimo kwiga inyigisho zubaka umuryango kandi muzi ko ari wo wubatse Igihugu muri rusange."

Umwe mu banyamahanga witabiriye iryo huriro yashimishijwe n'ibyiza bitatse u Rwanda yasuye n'uko yakiranywe ubwuzu.

Yagize ati: "Bamwe muri twe batembereye Igihugu bareba ibyiza bigitatse birimo ingagi, isuku iri hano iratangaje, uko abantu bakirana ubwuzu, birihariye cyane."

Ni ikoraniro mpuzamahanga rizamara iminsi itatu ryatangiye kuva ku wa 8 kugeza ku wa 10 Kanama 2025, rikaba ririmo kubera muri Stade Amahoro.

Mu bantu ibihumbi 40 baryitabiriye, abarenga 3 000 baturutse hanze y'u Rwanda, mu bihugu 20 byo muri Amerika, u Burayi na Afurika.

Biteganyijwe ko bazitabira ibikorwa by'ubukerarugendo muri Kigali n'ahandi hantu nyaburanga hirya no hino mu Gihugu.

Muri iryo koraniro harerekanwa filimi ishingiye kuri Bibiliya yerekana ubuzima bwa Yesu hano ku Isi ivuga ngo "Ubutumwa bwiza bwerekeye Yesu."

Iyo filimi yerekanwa mu byiciro bitatu, kandi buri munsi hazajya herekanwa icyiciro kimwe.

Biteganyijwe ko ibizigishwa byose bizaba bishingiye kuri Bibiliya, kandi bizagaruka ku masomo abantu bavana ku nyigisho za Yesu.

Inyigisho zose, imfashanyigisho zose zitangirwa ubuntu kandi nta maturo yakwa.

Buri mwaka Abahamya ba Yehova bategura amakoraniro abera hirya no hino ku Isi kandi nyuma y'imyaka mike bategura amakoraniro mpuzamahanga abera mu bihugu bike biba byatoranyijwe bikakira abashyitsi baturutse hirya no hino. Ibyo bituma basabana, bakamenya imico y'ahandi kandi bakakirana.

Abahamya ba Yehova batangiye gukorera mu Rwanda mu 1970, bahabwa ubuzima gatozi mu wa 1992.

Muri uyu mwaka amakoraniro mpuzamahanga azabera mu bihugu 13 byatoranyijwe ku Isi harimo n'u Rwanda ruryakiriye bwa mbere.







Begerejwe umuriro w'amashanyarazi bava mu mwijima banaruhuka ingendo

# Muhanga: Umuriro wabaruhuye ingendo z'amasaha abiri bajya gushesha

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Abatuye mu Murenge wa Mushishiro by'umwihariko mu Kagali ka Rukaragata mu Karere ka Muhanga bavuga ko batarahabwa umuriro w'amashanyarazi, byabasabaga gukora urugendo rugera ku masaha abiri bajya gushaka umuriro wa telefoni cyangwa bajya gushesha imyumbati.***

Murekatete Marie Chantal utuye muri ako Kagari, avuga ko kuba baregerejwe umurio w'amashanyarazi byabaruhuye ingendo bakoraga bajya gushaka ahari umuriro.

Ati: "Tutarabona umuriro w'amashanyarazi, hano nta terambere twagiraga, kuko wasangaga ushatse kurya ubugali bwo ku cyuma n'ushatse umuriro wa telefoni byabasabaga gukora urugendo rw'amasaha abiri tujya Mushishiro, ku buryo kuri ubu nshimira Perezida wa Repubulika wadukuye mu icurabundindi akaduha umuriro kuko ntawugicana urubigo agiye kurya ahubwo ducana amatara."

Mugenzi we Nshimyumuremyi Zacharie, na we avuga ko mu Kagali kabo ka Rwigerero umuriro utarahagezwa wasangaga nta munyeshuri wiga nijoro.

Ati: "Umuriro w'amashanyarazi twegerejwe, wadukuye mu mwijima kuko wasangaga turyama saa 'kumi nebyiri z'umugoroba, abanyeshuri ntibabashe gusubiramo amasomo, kurya ari ugucana urubingo, ariko kuri ubu turi heza amatara arara yaka, ibyuma bisya byaratwegerejwe ku buryo ntawe ugikora urugendo ajya gushesha imyumbati n'ibindi, twakuwe mu mwijima tugezwa mu rumuri."

Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga Kayitare Jacqueline avuga ko kwegereza umuriro w'amashanyara abatuye aka karere ari igikorwa gikomeza kugeza ubwo bazaba bageze ku kigero cya 100%.

Ati: "Twavuga ko umuriro w'amashanyarazi aho ugeze iterambere ryihuta ndetse n'abahatuye bakaba bashobora guhanga imirimo mishya, ku buryo intego dufite ari iyo gukomeza ibikorwa byo kwegereza umuriro w'amashanyarazi abatuye aka karere by'umwihariko mu bice by'icyaro kugeza ku kigero cya ijana ku ijana".

Kuri ubu, abatuye Akarere ka Muhanga bagerwaho n'umuriro w'amashanyarazi basaga 82%.

# Impano y'ibanze ku mwana ni ukumwonsa neza- MIGEPROF

**HITIMANA Servand**

***Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango yasabye ababyeyi gushishikarira konsa abana uko bikwiye, kuko ari yo mpano y'ibanze umubyeyi aha umwana ikazamubera ishingiro ry'ubuzima bwiza.***

Ibi byagarutsweho kuri uyu wa Kane tariki ya 7 Kanama 2025 ubwo hatangizwaga icyumweru cyahariwe konsa neza.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Batamuriza Mireille, yagaragaje ibyiza byo konsa.

Yagize ati: "Ibyiza byose umuntu agira bitangirira ku kuvuka akonswa neza. Konsa umwana uko bikwiye ni ukumugenera impano y'ibanze mu buzima. Ni umusingi mwiza mu kutwubakira ubuzima buzira umuze. Ibi bizanamufasha Kuba umuntu ushyitse mu gihagararo no mu bwenge."

Yagaragaje ko Isi ihanganye n'ikibazo cy'imibare y'ababyeyi bonsa igenda igabanyuka.

Ati: "Ku rwego rw'Isi ubushakashatsi bugaragaza ko ababyeyi bonsa neza ari 38%. Mu gihugu cyacu Imibare yo kuva mu 2015 kugera 2020 yari kuri 87 % mu gihe muri iyi myaka itanu iyi mibare yageze kuri 81%. Ibi rero biradusaba ubufatanye mu kongera ubukangurambaga muri iyi gahunda yo gushishikariza ababyeyi konsa neza."

Bamwe mu babyeyi bavuga ko hari byinshi bungutse ku kamaro ko konsa ndetse bavuga ko ibitakorwaga bagiye kubikosora.

Mukamazimpaka Jennifer yagize ati: "Twungutse byinshi tutari tuzi ku kamaro ko konsa. Icyakora twari tuzi ko wonsa umwana kugira ngo abeho, ariko nabwo twasanze hari uko twabikoraga nabi ku buryo tugiye kubikosora."

Yavuze kandi ko basobanukiwe akandi kamaro ko konsa.

Ati: "Twamenye ko konsa bifasha umubyeyi wabyaye kudakomeza kuva, twamenye ko konsa uko bikwiye bibafasha umubyeyi, nyababyeyi igasubirana vuba. Igikomeye ariko twabonye ko konsa umwana nibura amezi 6 nta kintu tumuvangiye ari ingirakamaro mu mikurire myiza ye."

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Nyagatare, ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, Murekatete Juliette yavuze ko hari gahunda yo kugeza ubu butumwa ku baturage bose

Ati: "Turashimira iyi gahunda ya Leta igamije kugira abana bafite ubuzima bwiza, bazabasha kuba abenegihugu bahamye b'ejo hazaza. Kwigisha abaturage bacu ko bakwiye kwita ku konsa neza ntibizarangirana n'iki cyumweru gusa, ahubwo izi nyigisho tuzakomeza kuzigeza ku bagize imiryango binyuze muri za gahunda zisanzwe zihuza abaturage."

Yakomeje avuga ko bazashyiramo imbaraga ku buryo bizanabafasha mu kugabanya ikigero cy'abana bagwingira aho kugeza ubu kiri kuri 26% ariko bifuza ko wenda bagera kuri 15% mu gihe cya vuba.

Icyumweru cyahariwe konsa cyatangijwe mu gihe hizihizwa umunsi mpuzamahanga wahariwe konsa wizihizwa ku nshuro ya 34.

Ku rwego rw'Igihugu iki gikorwa cyatangirijwe mu Karere ka Nyagatare.

Ni igikorwa kitabiriwe n'ubuyobozi bwite bwa Leta, *Ikigo* cy›Igihugu *gishinzwe imikurire* no kurengera umwana (NCDA) n'abafatanyabikorwa bafite aho bahurira no kwita ku mwana.




Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango aha abana ifunguro ryuzuye

# Rutsiro: Arashimira Leta yamwubakiye ikamukiza kurara mu mazi

KWIZERA Jean de Dieu

***Nyiraminani Perusi utuye mu Mudugudu wa Miraramo, Akagari aka Kabuga mu Murenge wa Mukura, mu Karere ka Rutsiro, arashimira Leta Rwanda yamwubakiye inzu akaba atakirara mu mazi nk'uko byahoze, akimara gusenerwa n'ibiza byo muro Gicurasi 2023.***

Uyu mukecuru w'imyaka 73 ni umwe mu baturage basaga 20 000 basizwe iheruheru n'imvura yaguye mu ijoro rishyira ku wa 2 Gicurasi 2023, aho imiryango isaga 3 000 yasigaye ntaho kuba ifite kuko inzu babagamo zari zasenyutse.

Avuga ko nyuma y'aho yaje mwaka wa 2023 nyuma gato y'ibiza nabaga mu nzu yari yaraguye, ibiza byari byarayisataguye, imvura yagwa nkarara mpagaze, ubwo naba naryamye nkashiduka naraye mu mazi, bwacya nkabyanika, imvura yabyukira k'umuryango nkabaho nzengurukana utwo mu nzu."

Yakomeje agira ati: "Ibyo byose byangiragaho ingaruka z'uko nahora ndwaye Malariya kuko nta cyumweru cyashiraga ntari kwa muganga, nagerayo rimwe na rimwe bakampa ibitaro nkamarayo ibyumweru bibiri cyangwa bitatu nkongera ngataha nkaryama hano nitabwaho n'abaturanyi."

Ati: "Uyu mubyeyi yararaga yicaye cyangwa akiririwa yicaye kubera imvura. Inzu yari yarangiritse cyane, tukamufasha uko ubushobozi bwacu bungana ariko ubu afite amashimwe menshi kuko Leta yacu yaramwibakiye. Turashima natwe kuko iyo atekanye na twe tuba dutekanye. Leta yacu yarakoze."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mukura Ndayambaje Emmanuel, yavuze ko uretse uwo mukecuru bakomeje no kubakira abandi bahuye n'ibiza ndetse n'abo bigaragara ko batishoboye.

Yagize ati: "Ni byo koko uwo muturage twaramwubakiye kubera ko yari yahuye n'ibiza kandi adafite ubushobozi bwo kwiyubakira kandi dukomeje kubakira n'abandi bagiye bahura n'ibiza bari barashyizwe ku rutonde twatanze ku Karere ka kaduha inkunga yo kububakira."

Yakomeje avuga ko kugeza ubu bari kubakira abo mu cyiciro cya gatanu by'umwihariko cyiganjemo abahuye n'ibiza bafite ibibanza bitababaruyeho ndetse n'abatari babifite.

Yagize ati: "Ubu turi mu bikorwa byo kubaka inzu 108, zimo 61 z'abadafite ibibanza n'izindi 57 z'abafite ibibanza, ariko bamwe byari mu bibazo. Rero turacyafite inzu nyinshi zo kubaka z'abahuye n'ibiza ariko uwo ni ngombwa gushima kuko ni inkunga bahawe na Perezida wa Repubulika. Ayo mashimwe turayakiriye kandi tugomba kuyageza ku buyobozi budukuriye."

Nyiraminani ahamya ko ubu afite icyizere cyo gukomeza gukora akiteza imbere kuko ubu afite aho ataha na cyane ko bamwubakiye inzu, igikoni ndetse n'ubwiherero bifite agaciro ka miliyoni zisaga 3 z'amafaranga y'u Rwanda.



Yubakiwe inzu aca ukubiri no kunyagirwa

Imibare ya Minisiteri ishinzwe ibikorwa by'Ubutabazi, ivuga ko ibyo biza byahitanye bantu 135 abandi 111 barakomereka, hapfa amatungo arenga 4 255 n'imyaka yari iteye kuri hegitari 3 100 irangirika, bikaba bivugwa ko yangije imitungo ifite agaciro ka miliyari 222 z'amafaranga y'u Rwanda.

Nyiraminani avuga ko nyuma yo gusenyerwa n'imvura yari abayeho nabi kuko mu gihe cy'imvura yararaga mu mazi, ari na ho ahera ashimira Leta y'u Rwanda yamubereye inshungu ku buryo kuri ubu afite icyizere cy'iterambere ry'ejo hazaza.

Yagize ati: "Mbere nko mu gufashwa na Leta ikamwubakira inzu mu mwaka wa 2024, nyuma yo kumusura basaganga iyo yabagamo yarashegeshwe n'ibiza.

Yagize ati: "Barankodeshereje, ubundi batangira kunyubakira, muri uyu mwaka ndayitaha, ubu nyirimo sinkivirwa. Mbere sinabashaga kubona uko nakira umushyitsi, ariko ubu ifite ibyumba 3 n'uruganiriro mfite icyanjye n'umwuzukuru tubana akagira icye n'icyabashyitsi mu gihe nabagize."

Umuturanyi wa Nyiraminani Pelusi Muhorakeye, avuga ko ubuzima uwo mubyeyi yari abanyemo bwari bubi cyane ariko ko ubu atuye heza.



Abakorera mu ngo zabo bavuga ko batabona abakiriya

# Musanze: Agakiriro kabaye gato, abakorera mu ngo babura isoko

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu bakora imyuga itandukanye bo mu Karere ka Musanze bavuga ko bagihura n'igihombo gikomeye kubera ko bakorera imirimo yabo mu ngo, bitewe no kubura imyanya yo gukoreramo mu gakiriro kabugenewe, bigatuma babura isoko ry'ibyo bakora.***

Bamwe mu bakora imyuga itandukanye bo mu Karere ka Musanze bavuga ko bagihura n'igihombo gikomeye kubera ko bakorera imirimo yabo mu ngo, bitewe no kubura imyanya yo gukoreramo mu gakiriro kabugenewe, bigatuma babura isoko ry'ibyo bakora.

Abo barimo ababaji, abasuderi n'abandi bakora ibikoresho bitandukanye bifashishwa mu bwubatsi, bavuga ko kutagira aho gukorera hihariye bibagiraho ingaruka nyinshi zirimo no kubura abakiliya, nk'uko umwe mu babaji bo mu Murenge wa Musanze abivuga.

Yagize ati: "Kubera ko nkorera mu rugo, abakiliya benshi bajya mu gakiriro bakibwira ko ari ho gusa haboneka serivisi zizewe.

Hari n'abajya bambaza aho mbarizwa, nkababwira ko nkorera mu rugo bakambwira ko ari kure y'umuhanda batabona uko bapakira ibikoresho byanjye twifuza ko agakiriro bakagura."

Ku rundi ruhande, abasuderi na bo bavuga ko imashini zabo zitagenewe gukorera ahantu hafunganye nko mu ngo, ku buryo zishobora no guteza impanuka cyangwa guhungabanya ituze ry'abaturanyi.

Nsekuye Joseph, umwe mu basanzwe basudira ibyuma byifashishwa mu bwubatsi.

Yagize ati: "Ikibazo si igihombo gusa, ahubwo no kuba tugomba kujya duhora dusaba imbabazi abaturanyi kubera urusaku rw'imashini. Byo ni ikibazo kandi ntibyari bikwiye, twifuza ko natwe twajya mu gakiriro."

Ibi kandi binashimangirwa n'abaturage batuye hafi y'abo banyabukorikori. Nk'uko Nyirandikubwimana Olive, utuye hafi y'ahari abasuderi bakora inzugi n'amadirishya, avuga ko urusaku ruturuka ku mashini zabo ruhungabanya umutekano wabo.

Yagize ati:"Nk'ubu iyo abana bavuye ku ishuri, bakeneye kuruhuka no gusubiramo amasomo, ariko urusaku

KOMEZA KU RUP.15





## Musanze: Agakiriro kabaye gato, abakorera mu ngo babura isoko

IBIKURIKIRA URUP.14

rw'imashini z'abasuderi n'ababaji zituma ntacyo bigezaho kuko ziba zifite urusaku. Hari n'abakuze batakibasha gusinzira ku manywa."

Ku ruhande rw'ubuyobozi bw'agakiriro ka Musanze, kimwe n'Ubuyobozi bw'Akarere bemera ko ikibazo gihari, hakenewe kwagura inyubako z'agakiriro kugira ngo abatarabonamo umwanya bagire aho bakorera, ariko ko hari akandi gakiriro bafunguye mu Murenge wa Gataraga nk'uko Umuyobozi w'Akarere ka Musanze wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu Uwanyirigira Clarisse, abivuga.

Yagize ati: "Kugeza ubu ahubwo turashishikariza abanyabukorikori kuva mu ngo kuko hari akandi gakiriro kugeza ubu twafunguye ko mu Murenge wa Gataraga, kaburaga umuriro w'amashanyarazi none ubu umuriro warahageze kimwe n'ibindi bikenerwa mu gakiriro.

Agakiriro ka Musanze gahereye mu Murenge wa Cyuve kafunguye imiryango mu mwaka wa 2022, kakimara gutangira hashinzwe kompanyi na yo ihuriweho n'amakoperative atanu n'abanyamigabane bagera kuri 40 bikorera ku giti cyabo.

Kuri ubu agakiriro ka Musanze gakorerwamo n'abantu basaga 700 bagizwe n'urubyiruko, abagabo n'abagore bakoreramo imyuga inyuranye.

# Rutsiro: Uwacaga inshuro wahawe Girinka yinjiza asaga 620 Frw

KWIZERA Jean de Dieu

***Munganyinka Jeannette utuye mu Mudugudu wa Miraramo, Akagari ka Kabuga, Umurenge wa Mukura mu Karere ka Rutsiro avuga ko inka yahawe muri Girinka Munyarwanda imaze ku mugeza ku kwinjiza amafaranga y'u Rwanda asaga ibihumbi 620 mu gihembwe.***



Munganyinka yiteje imbere abikesha inka yahawe muri gahunda ya Girinka

Avuga kandi ko ubwo bworozi bwatumye n'ubuhinzi bwe butera imbere, kuko ashobora gusaruramo amafaranga y'u Rwanda 300 000 mu gihembwe, hakiyongeraho andi asaga ibihumbi 320 akura ku mata n'ifumbire agurisha mu gihe cy'amezi 3.

Ni nyuma yuko mbere yari abayeho mu buzima bugoye, atashoboraga kwikenura mu buryo buhagije.

Yagize ati: "Mbere nari mbayeho mu buzima butari bwiza kuko nta fumbire nagiraga, uturima 2 nagiraga nta gitoki cyavagamo. Havagamo agatoki gato cyane kandi nako kakaba kamwe ugasanga n'indi myaka nshyizemo nta kintu kivuyemo. Ibyo byatumaga rero umuryango wanjye ubura ibintu byinshi nkenerwa rimwe na rimwe n'ishuri abana bakabirukana."

Yakomeje agira ati: "Nacaga inshuro, nagira amahirwe umuturanyi akampa akazi ko kubagara cyangwa nkabona ako kujonjora ikawa ku buryo nta kuzigama nakoraga, rimwe na rimwe umwana yava ku ishuri akaba yabura ibyo kurya. Muri make mbere yo kubona Girinka nari mbayeho nabi n'umuryango wanjye."

Munganyinka avuga ko yaje gushaka umuntu umworoza inka kugira ngo ajye akuramo ifumbire, bituma atera ubwatsi hafi y'akarima yari afite ariko hashize agahe gato uwo wari wayimuhaye aza kuyimwaka agiye kuyigurisha.

Yagize ati: "N'ubwo nari mbayeho mu buzima bugoye nakundaga korora cyane ndetse numvaga ariho amahirwe yanjye ari by'umwihariko kubera ko nifuzaga ifumbire. Nashatse uko nagura iyanjye, ubushobozi burabura. Ubwo mu 2022, abaturanyi baje kuntekerezaho bansabira inka muri gahunda ya Girinka ndetse muri uwo mwaka ndayihabwa."

Yongeyeho ati: "Nahawe inka nziza ihita yima, ntangira kubona amata agera kuri litiro 5 ku munsi nkagurisha 3 izindi abana bakazinywa tugaha n'abaturanyi ndetse n'ifumbire tukayigurishaho indi tukayikoresha kubera ko yabaga nyinshi."

Mu gihe cy'Ukwezi yabonaga amafaranga 67 500 avuye mu mata yakongeraho amafaranga y'ifumbire yagurishaga 10 000 Frw buri cyumweru akaba 107 500 Frw, bityo mu gihembwe akinjiza 322 500 Frws akamufasha kwita ku muryango we, kwigisha abana, kujya mu matsinda no kwishyura ubwishingizi mu kwivuza.

Munganyinka avuga ko uko yagiye abona ub ushobozi yaguye ubworozi, amaze kuba umuhinzi- mworozi aho yoroye inka 2, intama, inkoko ndetse n'ingurube byose byavuye kuri Girinka yahawe.

Yagize ati: "Mu 2024 nahise nguramo inkoko 10 ntangira kuzorora, nkajya ngenda ngurisha amagi nkabika amafaranga nyuma umwaka wa 2024 uri hafi kurangira nza kongeranya n'amafaranga yavaga ku mata n'ayifumbire nza kuguramo intama y'amafaranga 35 000 Frw. Ntabwo nacitse intege kuko mu 2025 umwaka uri gutangira nahise ngura ibibwana 4 by'ingurube ku mafaranga 120 000 Frw. Byose byagiye bituruka kuri iyo nka."

Munganyinka, avuga ko afite intego yo gukomeza gukora cyane, akazagura indi nka ndetse n'umurima munini kugira ngo yagure ubuhinzi.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mukura mu Karere ka Rutsiro Emmanuel Ndayambaje, yashimiye cyane Munganyinka, agaragaza ko ari ibyo bigisha abaturage bahabwa Girinka.

Yagize ati: "Uwo mubyeyi yakoze neza kuko yateye imbere bivuye ku nka yahawe, ntiyazimya igicaniro. Ni intambwe nziza kandi kugeza ubu dukora ubukangurambaga tugasaba n'abandi gufata neza izo nka kuko iva kuri we ikagera ku bandi."

# Nyamasheke: Akagari kamaze imyaka 5 mu nzu ya Koperative kujuje ibiro

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Abaturage b'Akagari ka Nyarusange, Umurenge wa Kirimbi, Akarere ka Nyamasheke bari bamaze imyaka 5 bahererwa serivisi mu nyubako nto ya Koperative y'Abahinzi b'Ikawa barishimira ko bagize uruhare mu gusana ibiro bishya byatwawe n'umuyaga.***

Ibyo biro byuzuye bisanwe n'amafaranga y'u Rwanda asaga miliyoni 8 n'ibihumbi 600, arimo uruhare rw'abaturage rwa miliyoni zisaga ebyiri n'ibihumbi 450 mu gihe andi yatanzwe n'Akarere.

Abaturage bavuga ko muri 2020 ari bwo bimukiye mu nyubako ya koperative ubwo umuyaga watwaraga igisenge cy'ibiro by'Akagari kabo, amatafari amwe y'igikuta akavaho.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamasheke, bubonye biyoberanye bufata icyemezo cyo gukodeshereza abaturage iriya nyubako ya koperative.

Bavuga ko ubuto bwayo kuko yari yaragenewe guhunikwamo ikawa, bwatumaga Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari (SEDO) n'abunzi babyiganira mu kumba kamwe, umuturage uzanye ikibazo cy'ibanga bigasaba ko uwo agitura basohoka akajya kukimubwirira hanze, imvura yagwa ntibikemuke kuko nta n'aho bagiraga bugama.

Mukamurenzi Christine, yagize ati: "Twishimiye cyene kongera kubona aho duhererwa serivisi hagutse kuko ibi biro bishya bifite ibyumba 4 bisanzwe hakiyongeraho icyumba cy'inama mu gihe mu nyubako ya koperative y'abahinzi ba kawa icyo cyumba cy'inama kitabagaho. Buri wese utanga serivisi ku rwego rw'Akagari agiye gukora yisanzuye n'uzanye ikibazo agitanga uko ashaka."

Musabyimana Gaspard, umunyamuryango w'iyi Koperative, na we ati: "Akagari kabonye aho gakorera heza, hagutse natwe abanyamuryango ba koperative dusubijwe inzu yacu tureka gusembera kuko twari twayitanze ngo akagari gakoreremo ari nko kubura uko tugira. Ariko ubwo ibiro byiza bibonetse n'inzu yacu tugiye kuyisubiramo birashimishije cyane."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kirimbi Habimana Innocent, yashimiye abaturage kwihangana bagize imyaka isaga yose bihanganye Akagari kamaze gasambutse n'iyo bihanganiye mu gukorera akadasobanutse.

Ati: "Ubu noneho bagiye guhabwa serivisi batinubira aho bazihererwa kandi serivisi umuturage akenera ku kagari ni nyinshi. Muri iyi nyubako hanateganyijwe icyumba cyazakorerwamo igihe haba hagize umukozi wiyongeramo bitiriwe bisaba kongera kubaka."

Yongeyeho ati: "Turanashimira cyane ubuyobozi bw'Akarere kacu bwumvise icyifuzo cyacu kakaduha ingengo y'imari yo kukubaka, abaturage bakayongera hanarimo imiganda, ari byo byanatumye n'aho kugama haboneka n'icyumba kinini cy'inama, abayobozi bakaba batazongera gutanga serivisi babyigana n'abo baziha."

Yabasabye gufata neza iki gikorwaremezo bari banyotewe, bakagana ubuyobozi bukabaha serivisi bakeneye, n'abayobozi bakanoza serivisi babaha kuko icyari imbogamizi kivuyeho.

Akagari ka Nyarusange gatuwe n'abaturage barenga 6.450, bakenera serivisi za buri munsi zirimo n'izitangwa n'abunzi bajyaga babura aho bazibahera, na bo bakishimira ko habonetse kandi hasobanutse.



Bishimiye kongera gukorera mu biro by'Akagari bivuguruye

# Karongi: Rugabano bagorwa n'ingendo kubera umuhanda mubi

KWIZERA Jean de Dieu

***Abaturage bo mu Murenge wa Rugabano bavuga ko kuba umuhanda wa Gasenyi udakoze bituma babangamirwa n'ingendo by'umwihariko ku bagana Ivuriro rya Gasenyi.***

Abo baturage bavuga ko mu gihe cy'izuba umuhanda uba wuzuyemo ivumbi ryinshi naho mu gihe cy'imvura ukanyerera cyane byagera no ku binogo birimo bikaba ikibazo ku binyabiziga.

Uwahawe izina rya Kamali usanzwe agenda muri uwo muhanda akaba anahaturiye yagize ati: "Turasaba ko uyu muhanda wakorwa, ahari ibinogo bigakurwamo ndetse byaba byiza bakadufasha kuwukora ku buryo budatuma ugira ivumbi ryinshi kuko iyo ari mu gihe cy'izuba, byagera no mu mvura ukanyerera n'icyondo kikaba cyinshi ibinyabiziga bikabangamirwa."


Umuhanda warangiritse, abawukoresha bifuza ko wakorwa bikoroshya ingendo

Undi yagize ati: "Ubundi muri Rugabano hakabaye Umujyi kuko hari uruganda rw'icyayi, hari amashuri ya Rugabano, hari ivuriro n'isanteri nziza n'ibindi ariko uyu muhanda ni mubi. Utuma imodoka zitagenda neza kubera imikuku irimo noneho byagera mu gihe cy'imvura bikaba akarusho."

Uwitwa Karima we yagaragaje ko kuba uwo muhanda umeze gutyo bituma ibiciro bizamuka by'umwihariko kuri moto na we agasaba ko bafashwa uwo muhanda ugakorwa.

Yagize ati: "Ibiciro by'ingendo birazamuka kubera uburyo umuhanda umeze, aho bakaguciye 500 Frw baguca 1 000 cyangwa 2 000 RWF. Ku muturage uri aha, aba agorwa cyane pe. Ni umuhanda n'ubuyobozi bunyuramo barawuzi. Turasaba ko wakorwa."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rugabano Ngendahimana Jean Damascene yabwiye Imvaho Nshya ko ikibazo cyo kwangirika k'uwo muhanda bakizi ndetse ko bagiye gushyira imbere ibikorwa by'umuganda biwusana mu rwego rwo gufasha abawugenda gusa yizeza abaturage ko mu kwezi gutaha uzaba umeze neza.

Yagize ati: "Gahunda yo gukora uwo muhanda irahari kandi mu buryo bwo kwishakamo ibisubizo, tugiye gushyira imbere imiganda izajya isiba ahantu hameze nabi ku buryo abantu bagenda. Abaturage twabasezeranya ko mu kwezi kwa Nzeri tuzakora imiganda hanyuma ibindi bizajya bigenda bikorwa uko ubushobozi buzajya bugenda buboneka."

Umuhanda abaturage bifuza ko ukorwa ufite nk'ibilometero 12.

y'ibilometero 6 na 18, by'umwihariko umuhanda wa Rugabano- Gasenyi ho mu Karere ka Karongi mu Ntara y'Iburengerazuba.





## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA
MINEDUC
SOUTHERN PROVINCE, NYAMAGABE DISTRICT, KADUHA SECTOR
GROUPE SCOLAIRE SAINT JEAN BOSCO KADUHA
(G.S.KADUHA)
B.P 14 GIKONGORO
E-mail: gssjboscokaduha@yahoo.fr
Tel.: +250789405275
Bank Account number: 00013-01311050346-60 COGEBANQUE or 482334199410145/ BPR

ITANGAZO RY'AMASOKO APIGANIRWA MURI GS KADUHA

Ubuyobozi bwa Groupe Scolaire KADUHA bufatanyije n'Akanama gashinzwe gutanga amasoko buramenyesha ba rwiyemezamirimo babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko hari amasoko anyuranye apiganirwa yo kugemura ibiribwa byo gutunga abanyeshuri n'ibikoresho binyuranye bizakoreshwa mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri wa 2025-2026 muri Groupe Scolaire Kaduha.

Dore urutonde rw'amasoko apiganirwa:

**Isoko rya mbere (Lot 1) rigizwe n'ibiribwa bikurikira: ibishyimbo n'amasaka y'igikoma**
**Isoko rya kabiri (Lot 2) rigizwe n'ibiribwa bikurikira: umuceri, kawunga, amavuta y'ubuto, umunyu, isukari n'amajyane.**
**Isoko rya gatatu (Lot 3) rigizwe n'ibikoresho binyuranye bizakenerwa mu buzima bw'ishuri**
**Isoko rya kane (Lot 4) rigizwe n'imyumbati, ibijumba,ubutunguru, imboga.**

Abifuza gupiganira isoko bahisemo, bahabwa igitabo gikubiyemo amabwiriza arambuye ajyanye naryo kiboneka mu bunyamabanga bw'Ishuri ku minsi no ku masaha y'akazi guhera taliki ya 01/09/2025, bamaze kwerekana Bordereau bishyuriyeho amafaranga ibihumbi icumi (10,000 Frw) adasubizwa kuri buri soko, yishyurwa kuri konti z'Ishuri zikurikira: Konti No: **4029200088723 yitwa GROUPE SCOLAIRE ST.J.BOSCO KADUHA** iri muri EQUITY BANK; **482334199410145 yitwa GS KADUHA** iri muri Banki y'Abaturage y'u Rwanda, cyangwa **91784 yitwa KADUHA GS** iri mu MWALIMU SACCO.

Amabahasha akubiyemo ibisabwa byose afunze neza kandi yanditseho inyuma isoko ripiganirwa agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw'Ishuri bitarenze taliki ya 10/09/2025 Saa yine (10h00'); afungurwe mu ruhame kuri uwo munsi saa yine n'igice (10h30') mu cyumba cy'Ishuri.

Bikorewe i Kaduha ku wa 08/08/2025

Padiri Festus MUTAGANDA
Umuyobozi wa Groupe Scolaire Kaduha

## ITANGAZO RY'ISOKO

ISOKO RYO KUGEMURA IBYO KURYA BY'ABANYESHURI

Ubuyobozi bw'ishuri rya Ecole Secondaire Kabirizi burahamagarira ba Rwiyemezamirimo, amakoperative n'abacuruzi babifitiye ubushobozi kuza gupiganira isoko ry'ibiribwa by'abanyeshuri igihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri 2025-2026.

Igitabo cyipiganwa gikubiyemo ibisabwa kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri guhera taliki ya1/08/2025 ukagihabwa umaze kugaragaza inyemeza bwishyu y'amafaranga'ibihumbi cumi (10,000F) yokugura igitabo cy'ipiganwa. Amafaranga yishyurwa kuri konti 177872 ya School fees Ecole Secondaire Kabirizi.

Umunsi wanyuma wo kwakira ibitabo by'ipiganwa ni ku italiki 01/09/2025 saa tatu n'igice(9h30).Ibitabo by'ipiganwa bizafungurwa mu ruhame uwo munsi saa ine (10h00) zuzuye.

Bikorewe ,karembo kuwa 31/07/2025

NSENGIYUMVA Emmanuel

Umuyobozi w'ishuri Ecole Secondaire Kabirizi.

## ITANGAZO RY'ISOKO

AKARERE KA NYAMAGABE
GROUPE SCOLAIRE KIGEME-A-
E.mail: gskigeme2@yahoo.com
Tel: 0788600587

ITANGAZO RY'ISOKO

Ubuyobozi bwa Groupe Scolaire Kigeme-A- bufatanyije n'Akanama gashinzwe gutanga amasoko muri iryo shuri buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babifitiye ubushobozi ko ryifuza gutanga amasoko **y'ibiribwa, ibikoresho byo mu biro n'iby'isuku.** Abifuza gupiganira ayo masoko bagomba kuba bafite:

- Ibyangombwa by'ubucuruzi.
- EBM n'ibindi.

Ibitabo bikubiyemo ibyangombwa byose bisabwa n'amabwiriza agenewe ayo masoko biboneka ku ishuri rya GS Kigeme-A- mu minsi y'akazi hamaze kwishyurwa **amafaranga ibihumbi icumi (10,000 RWF)** adasubizwa kuri Konti y'ishuri **No: 4029200090909 iri muri EQUITY Bank** cyangwa kuri konti **No: 481-138267610-177 iri muri bpr BANK**. Abifuza gupiganira ayo masoko bagomba kuba bagejeje amabahasha afunze arimo ibiciro muri GS Kigeme-A- bitarenze tariki ya 03/09/2025 saa tatu (9h00) za mu gitondo. Gufungura amabahasha ni kuri iyo tariki saa tatu n'igice (9h30) za mu gitondo mu cyumba cy'iryo shuri.

Bikorewe ku Kigeme, kuwa 04/08/2025

HARERIMANA Emmanuel
Umuyobozi w'Ishuri

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'URWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA MUHANGA
UMURENGE WA KIYUMB A
NYABIKENKE TSS
B.P: 122 MUHANGA
TEL:0788495097/0782457761
EMAIL:nyabikenketvetschool@gmail.com

ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO

Ubuyobozi bw'ishuri rya **Nyabikenke TSS** burifuza gutanga amasoko kuri consommables mu mashami ya Crop Production, Animal Health, Forestry na Food Processing.
Burifuza kandi gutanga isoko ry'ikwi zo gucana n'ibikoresho by'ishuri , hamwe n'ibiribwa by'abanyeshuri umwaka w'amashuri 2025/2026, ibitabo bikubiyemo amabwiriza ya buri soko murabisanga mubunyamabanga b'ishuri kuva tariki **04/08/2025.**
Abifuza gupiganira isoko bagomba kwishyura amafanga ibihumbi icumi (**10000Frs**) kuri buri soko yifuza gupiganira ,adasubizwa kuri konti no **0005600002075-26** iri muri Banki ya Kigali (BK), cyangwa kuri konti no **446319380710177** iri muri Banki y'abaturage (BPR)
Itarki ntarengwa yo kwakira Dosiye ni **04//09/2025** saa tatu n'igice (9h300) , gufungura amabaruwa ni saa yine **(10h00)** z'uwo munsi .

**Bikorewe** I kiyumba tariki 03/08/2025

**RUBERWA Philippe**
Umuyobozi w'ishuri

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA RUHANGO
E.S.MUKINGI
B.P 64 GITARAMA
TEL:0788870169

ITANGAZO RY'IPIGANWA

Ubuyobozi bw'ishuri ryisumbuye rya Mukingi, buramenyesha ba rwiyemezamirimo ,koperative z'abahinzi n' abahinzi borozi bafite umusaruro bagurisha, ko bushaka gutanga isoko ry'ibiribwa bizatunga abanyeshuri b'ishuri ryisumbuye ry'i Mukingi, igihembwe cya mbere 2025-2026. Ababyifuza barasabwa kumenyekanisha banyuze ku irembo bakanishyura Kuri konti ya RRA amafaranga ibihumbi bitanu (5000frw) yo kugura agatabo gakubiyemo amabwiriza agenga isoko, ako gatabo kaboneka ku ishuri kuva taliki ya 04/08/2025. Ifungurwa ry'amabahasha riteganyijwe taliki ya 25/08/2025 saa ine za mugitondo(10h00) mu cyumba cy'inama cy'ishuri ryisumbuye ry'i Mukingi.
Bikorewe Byimana, kuwa 04/08/2025.

NSHIMYUMUREMYI Jérôme
Umuyobozi w'ishuri

## ITANGAZO RY'ISOKO

MINEDUC
E.S MUSHUBI
B.P. 88 GIKONGORO
Tél. 07 88 56 05 02

ITANGAZO RYO GUTANGA AMASOKO

Ubuyobozi bw'Ishuri Ryisumbuye rya MUSHUBI bufatanyije na Komite y'Akanama gashinzwe gutanga amasoko, burashaka gutanga amasoko yo kugemura ibiribwa by'abanyeshuri biramba binyura mu nganda, ibiramba bitanyura mu nganda n'ibitaramba, inkwi,ibikoresho binyuranye (byo mu biro, iby'imfashanyigisho n'iby'isuku) n'ibikoresho bya quincaillerie by' igihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri wa **2025-2026**.
Abemerewe gupiganira ayo masoko ni ba Rwiyemezamirimo babishoboye, bujuje ibisabwa kandi basanzwe bakora ako kazi. Abifuza gupiganira ayo masoko bashobora gusanga amabwiriza agenga ipiganwa mu bunyamabanga bw'iryo shuri guhera tariki ya **08/08/2025** kandi bayahabwa berekanye bordereau bishyuriyeho amafaranga ibihumbi bitanu **(5000 Frws)** adasubizwa kuri konti z'ishuri zikurikira: **100000516467** iri muri Banki ya Kigali, **477334931810127** iri muri Banki y'abaturage, **91786** iri mu Umwalimu SACCO, **126259** iri mu ISHEMA SACCO NYAMAGABE (MUASHUBI BRANCH, E.S MUSHUBI). Amafaranga **5000** yishyurwa kuri buri bwoko bw'isoko yifuza gupiganira (Upigana ni we uhitam isoko cyangwa amasoko apiganira).
Amabaruwa afunze neza arimo impapuro zuzujeho ibiciro n'ibindi byangombwa bisabwa agomba kugera mu bunyamabanga bw'Ishuri Ryisumbuye rya MUSHUBI bitarenze tariki ya **21/08/2025** i saa yine za mu gitondo **(10h00)**.
Kuri uwo munsi kandi niho amabaruwa azafungurirwa mu ruhame mu cyumba cy'inama cy'iryo shuri i saa yine n'igice za mugitondo **(10h30).** Ku bindi bisobanuro mushobora guhamagara kuri telefoni Nº **0788811275** cyangwa **0788560502.**

Bikorewe i Mushubi, ku wa **31/07/2025.**

**UWIZEYIMANA Dinah**

Umuyobozi w'Ishuri Ryisumbuye rya MUSHUBI

# Politiki yo kurengera ibidukikije itumye igitaramo 'Music in Africa' kibera mu Rwanda



The Ben avuga ko ari umugisha ukomeye kuba u Rwanda rukomeje gutekerezwaho na benshi mu bategura ibitaramo

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzi akaba n'umucuranzi Bjorn Vido ukomoka muri Danemark yasobanuye impamvu yamuteye guhitamo gutangiriza ibitaramo bye mu Rwanda, avuga ko bihuje n'icyerekezo yari afite atekereza gukora ibyo bitaramo bizazenguruka Ibihugu yise 'Music in Space World Tour'.***

Mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya Bjohn Vido, yavuze ko yakuruwe na Politiki nziza u Rwanda rufite yo kurengera ibidukikije.

Iki gitaramo cyateguwe na Bjorn Vido afatanyije na Kompanyi ya Kigali Protocol isanzwe yifashishwa mu kwakira abantu mu bitaramo, ubukwe n'ahandi.

Ni igitaramo bavuga ko cyateguwe mu rwego rwo guhuza umuco w'umuziki wo ku migabane itandukanye, binyuze mu mikoreshereze y'ubuhanzi bugezweho, injyana zitandukanye n'imyidagaduro ifite ireme, hakazanatangirwamo ubutumwa bwo gutunganya ikirere kugira ngo abantu babashe kwirinda ibyagihumanya.

Bjorn Vido urimo gutegura icyo gitaramo, avuga ko u Rwanda ari Igihugu akunda cyane, ari nayo mpamvu yahisemo gutangirizamo iryo serukiramuco.

Yagize ati: "Kuri njyewe u Rwanda ni igihugu cyo ku mugabane w'Afurika nkunda mu buryo bw'ibidukikije no muri Politike yaho yo kubungabunga ibimera, nta macupa ya pulasitike, amashashi n'ibindi agaragara anyanyagihe hose, hari sosiyete ibyumva kandi igira urugwiro."

[…] Kuri njye nshimiye u Rwanda mbere y'ibindi bihugu kuri gahunda yo kubungabuga ibidukikije no kurinda ihumana ry'ikirere, n'ibindi bihugu byazaza kwigira ku Rwanda, niyo mpamvu twahisemo gutangiriza hano 'Music in Space' nk'iserukiramuco rigamije gutangirwamo ubutumwa bwatuma ikirere kiba cyiza binyuze no mu muziki."

Icyo gitaramo kiri mu bitaramo byanditse amateka yo kuguramo amatike agura amafaranga make, aho itike y'amake ari 1500, kugeza ubu akaba yaramaze gushira, icyakora Bjorn Vido akavuga ko imwe mu mpamvu zo kugena itike ya make yari agamije ko icyo gitaramo kizamo abantu bose kuko n'ikigamijwe kitakorwa n'abantu bamwe ahubwo hakenewe ko abantu bose babyumva maze bakarinda ikirere cyabo.

Uretse The Ben uzaririmba muri icyo gitaramo abandi bahanzi bazakigaragaramo harimo Bushali, Ariel Wayz, Kenny Sol bakazafatanya n'abandi barimo Boohle, Touchline Truth, Bizizi & Kaygee D'A King na STU bo muri Afurika y'Epfo, Vampino, Sir Kisoro bombi bo muri Uganda hamwe na Bjorn Vido.

Biteganyijwe ko kizaba tariki 23 Kanama 2025, muri parikingi ya Camp Kigali, nyuma y'aho kikazakomereza ahandi nko muri Afurika y'Epfo, Ghana n'ahandi.



Bjorn Vedo wateguye igitaramo yise Music in Space yasobanuye impamvu yo kukizana mu Rwanda







Rayon Sports ni yo izakira umukino wa mbere kuri Stade Amahoro

# CAF Confederation Cup: Rayon Sports yatomboye Singida Black Stars yo muri Tanzania

SHEMA Ivan

***Rayon Sports FC ihagarariye u Rwanda yatomboye Singida Black Stars yo muri Tanzania mu ijonjora rya mbere ry'imikino ya CAF Confederation Cup 2025/26.***

Tombola y'uburyo amakipe azahura muri iri rushanwa rihuza amakipe yatwaye ibikombe imbere mu gihugu muri Afurika yabereye i Dar es Salaam muri Tanzania kuri uyu wa Gatandatu tariki 9 Kanama 2025.



Singida Black Stars ni yo izahura na Rayon Sports mu ijonjora rya mbere muri CAF Confederations Cup

Rayon Sports yabaye iya kabiri muri Shampiyona y'umwaka ushize wa 2024/25 yatomboye Singida Blac Stars yabaye iya kane muri Tanzania.

Rayon Sports ni yo izatangira yakira Singida Black Stars mu mukino uteganyijwe hagati ya 19-21 Nzeri 2025 mu gihe uwo kwishyura uteganyijwe hagati y'itariki 26 na 28 Nzeri 2025 i Dar es Salaam.

Ikipe izakomeza izahura n'izava hagati ya Flambeau du Centre yo mu Burundi n'indi yo muri Libya itaramenyekana.

Mu mwaka wa Shampiyona ya 2024/25 Singida Black Stars yabaye iya kane n'amanota 57.

Ikipe ya Berkane yo muri Morocco ni yo ifite igikombe giheruka cya CAF Confederation CUp, yegukanye itsinze Simba SC yo muri Tanzania ibitego 3-1 mu mikino yombi.

# CAF Champions League: APR FC yongeye gutombora Pyramids yo mu Misiri



APR FC yongeye gutombora Pyramids FC yo mu Misiri

SHEMA Ivan

***APR FC yo mu Rwanda yatomboye Pyramids yo Misiri mu ijonjora rya mbere ry'imikino ya CAF Champions League 2025/26.***

APR FC yo mu Rwanda yatomboye Pyramids yo Misiri mu ijonjora rya mbere ry'imikino ya CAF Champions League 2025/26.

Tombola y'uburyo amakipe azahura muri iri rushanwa rihuza amakipe yatwaye ibikombe imbere mu gihugu muri Afurika yabereye i Dar es Salaam muri Tanzania kuri uyu wa Gatandatu tariki 9 Kanama 2025.

APR FC, yegukanye Shampiyona y'u Rwanda ya 2024/2025, yatomboye Pyramids yabaye iya kabiri muri shampiyona yo mu Misiri.

APR FC ni yo izatangira yakira Pyramids FC mu mukino uteganyijwe hagati y'itariki 19 na 21 Nzeri, mu gihe uwo kwishyura uzakinwa hagati y'itariki 26 na 28 Nzeri 20025.



APR FC yongeye guhura na Pyramids FC ku nshuro ya gatatu yikurikiranya

Pyramids isanzwe ifite igikombe giheruka, ni ku nshuro ya gatatu yikurikiranya amakipe yombi agiye guhura muri iyi mikino, muri izo nshuro zose Pyramids yasezereye APR FC.

Mu nzira igana mu matsinda, Ikipe izakomeza hagati ya APR FC na Pyramids, izahura n'izava hagati ya Rema Stars yo muri Nigeria na US Zilimadjou yo mu Birwa bya Comoros.

Ikipe y'Ingabo imaze iminsi yiyubaka bikomeye ihereye ku mutoza Abderrahim Talib yasimbuje Umunya- Serbia Darko Nović.

Iyi kipe ntabwo yahindutse cyane kuko yaguze abakinnyi barimo Memel Dao, William Tangui, Ronald Ssekiganda n'abandi.

Uretse imikino ya gishuti imaze iminsi ikina, Ikipe y'Ingabo iri gutegura umukino ukomeye izakiramo Power Dynamos yo muri Zambia, tariki ya 17 Kanama 2025.

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-25 TARIKI 5 - 11 KANAMA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# *REG WBBC na Kepler WBBC zatangiye neza imikino ya kamarampaka*

**SHEMA Ivan**

***REG WBBC yatsinze The Hoops Rwanda amanota 83-50, Kepler WBBC itsinda APR WBBC amanota 65-46 mu mikino ya mbere ya kamarampaka muri Shampiyona ya Basketball ya 2024/25.***

Iyi mikino yabaye ku Cyumweru, tariki 10 Kanama 2025 muri Petit Stade i Remera.

Umukino wa APR BBC na Kepler WBBC wari utegerejwe na benshi, watangiye Ikipe ya Kepler itsinda amanota menshi ibifashijwemo na Nelly Sandra Nsanzabaganwa na Uwimpuhwe Henritte.

Agace ka mbere karangiye iyi kipe iyoboye umukino n'amanota 22 kuri 10 ya APR BBC.

Kepler yakomeje gukina mu gice cya kabiri abarimo Young Desirae Yvonee na Uwimpuhwe Henritte batsinda amanota menshi ndetse ikinyuranyo kiba 28-17.

Mu minota itatu ya nyuma APR BBC yikubise agashyi, itangira kugabanya ikinyuranyo Diakte Kamba watsindaga amanota menshi.

Igice cya mbere cyarangiye Kepler WBBC yatsinze APR WBBC amanota 38-25.



**Destiny Philoxy ashaka aho ashyira umupira**

Kepler yakomeje kongera ikinyuranyo mu gace ka gatatu ibifashashijwemo n'abarimo Traore Aichata na Uwimpuhwe Henritte batsinda amanota.

Ni mu gihe iy'Ingabo yagaragaje intege nke by'umwihariko ku bo isanzwe igenderaho nka Destiny Philoxy na Uwizeye Assouma umukino wari waniye.

Aka gace Kepler yagatsinzemo amanota 13 ku 9 ya APR WBBC.

ka gace karangiye Kepler WBBC yatsinze APR WBBC amanota 51- 34.

Ikipe y'ingabo z'igihugu yasubiranye imbaraga mu gace ka nyuma, itangira kugabanya amanota Diakite Kamba, Uwimpuhwe Violette na Jane Dusabe batsinda.

Ku rundi ruhande Kepler nayo yatsindaga ibinyujije muri Traore Aichata na Nelly Sandra Nsanzabaganwa.

Umukino warangiye Kepler WBBC yatsinze APR WBBC amanota 65-46 yegukana intsinzi ya mbere.

Undi mukino wabaye kuri uwo munsi, REG WBBC yatsinze The Hoops Rwanda amanota 83-50.

Muri iyi mikino, imikino ya kabiri, iteganyijwe ku wa Gatatu, tariki 13 Kanama 2025 muri Petit Stade i Remera.



**REG WBBC yatsinze The Hoops Rwanda amanota 83-50**